# Imvaho Nshya

Soma Usobanukirwe Buri Munsi

NO. E-42 | TARIKI 2 - 8 UKUBOZA 2025 RPC P.O.BOX | 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw





AMAKURU

U Rwanda na USA byasinyanye amasezera no mu by'ubuzima y'asaga miliyari 328Frw



2

AMAKURU

Perezida Kagame n'Umuyobozi wa IMF baganiriye ku guteza imbere ubukungu



6

MU NTARA

Nyagatare: Abasaga 120 baguriwe imbabura za rondereza barazivuga imyato



17

SIPORO

Rayon Sports yatsinze Musanze FC yiyunga n'abafana



27


# U Burusiya na Libya byacyeje amasezerano y'u Rwanda na RDC




Libya n'u Burusiya byakiriye neza isinywa ry'amasezerano y'amahoro n'ubukungu hagati y'u Rwanda na RDC

NTAWITONDA Jean Claude

***Guverinoma ya Libya n'iy'u Burusiya byakiriye neza isinywa ry'amasezerano y'amahoro n'ubukungu yashyizweho umukono na Perezida wa Reoubulika y'u Rwanda Paul Kagame na Perezida wa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) Felix Antoine Tshisekedi Tshilombo, ku wa 4 Ukuboza 2025.***

Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga y'u Burusiya yatangaje ko ukwiyemeza kw'Abakuru b'Ibihugu bombi kuzatanga umusaruro vuba na bwangu ubwo ibikubiye mu masezerano bizatangira gushyirwa mu bikorwa nta nkomyi.

KOMEZA KU RUP.3

## Perezida Kagame yahagarariwe mu irahira rya Alassane Ouattara

NTAWITONDA Jean Claude

***Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva Justin, yahagarariye Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame, mu irahira rya Perezida wa Côte d'Ivoire Alassane Ouattara watorewe kuyobora icyo gihugu muri manda ya kane mu kwezi kwa Kanama 2025.***

KOMEZA KU RUP.3

SOMA IMVAHO NSHYA, IGUHE AMAKURU AGEZWEHO BURI MUNSI

# Turashaka ahazaza hatekanye- Perezida Kagame ku masezerano y'amahoro na RDC

NTAWITONDA Jean Claude

***Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame yongeye gushimangira ko u Rwanda rukeneye kubona ahazaza hatekanye kandi huje uburumbuke, akaba ari na yo mpamvu shingiro rwiyemeje kudatezuka ku ngamba zose zigamije guharanira amahoro n'umutekano mu Karere ruherereyemo.***

Perezida Kagame yabigarutseho mu ijambo yafashe mbere yo gushyira umukono ku masezerano y'amahoro n'ubukungu ku wa Kane tariki ya 4 Ukuboza, yashobotse ku bw'ubuhuza bwa Perezida wa Leta Zunze Ubumwe za Amerika na Guverinoma ye muri rusange.

Mu isinywa ry'ayo masezerano, Perezida Kagame yari yicaranye na Perezida wa Repubulika Iharanira Demikarasi ya Congo (RDC) Felix Antoine Tshisekedi Tshilombo, umukono bashyizeho ukaba wishimiwe n'abitabiriye ndetse na miliyoni z'abantu babakurikiye ku miyoboro y'itangazamakuru inyuranye.

Perezida Kagame yabanje gushimira Abakuru b'Ibihugu na Guverinoma ba Afurika bitabiriye iki gikorwa cyo gushyira umukono ku masezerano, uhagarariye Leta ya Qatar, by'umwihariko Perezida Trump na Guverinoma ye batumye ibi byose bishoboka.

Yavuze ko mu myaka irenga 30 ishize habayeho gahunda z'ubuhuza zitagira ingano ariko ngo nta n'imwe yageze ku ntsinzi yo gukemura ibibazo bihari, akavuga ko iya Trump yo yihariye.

Ati: "Perezida Trump yashyizeho uburyo bushya kandi butanga umusaruro bwahanze amahirwe. Uburyo bwe kandi butangwa nta kubogama. Aratuyobora ku hazaza si ku hahise, ashimangira ko umwe mu musaruro w'amahoro ari uburumbuke n'ishoramari harimo n'irivuye muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika."

Yaboneyeho gushima by'umwihariko Umunyamabanga wa USA ushinzwe Ububanyi n'Amahanga Marco Antonio Rubio, n'Umujyanama wihariye wa Trump kuri Afurika Massad Boulos, bagize uruhare ntagereranywa muri urwo rugendo.



Abakuru b'Ibihugu bamaze gushyira umukono ku masezerano

Ati: "Ntitwari kuba turi hano uyu munsi iyo hataza kubaho umuhate wabo, kandi nk'umusaruro, dufite inzira igaragara kandi ishoboka ituganisha imbere kurusha izindi zose twagize. Aya masezerano atanga buri kimwe cyose gikenewe mu gukemura burundu ikibazo cy'umutekano muke. Aya masezerano nadakunda, ibintu ntibigende nk'uko bikwiye kuba bigenda, ibyo ntibizaba ari inshingano za Perezida Donald Trump ahubwo zizaba ziri kuri twe."

Yavuze ko ari ah'u Rwanda na RDC gufatanya n'abafatanyabikorwa batandukanye mu guhuriza hamwe imbaraga no kugarura amahoro nubwo mu rugendo rutangiwe hazabamo byinshi by'urucantege.

Yijeje kandi ko u Rwanda rutazigera rutezuka ku guharanira amahoro, ati: "Intego yacu rukumbi yahoze kandi iracyari guharanira ko Igihugu cyacu gitekana kandi kikagira amahoro nyuma yo guhura n'imibabaro myinshi. Uyu munsi noneho turashaka kureba imbere, dufitiye icyizere ahazaza hatekanye kandi huje uburumbuke."

Perezida Tshisekedi na we yavuze ko amasezerano adasanzwe kuko azana icyerekezo gishya cyo gushyira iherezo ku rusobe rw'amakimbirane hatangira ikiragano gishya cy'ubushuti.

Yavuze ko ibikubiye mu masezerano bazabikora bashyizeho umutima kandi bakaba bizeye ko n'u Rwanda ruzashyira mu bikorwa ibyo rwiyemeje bikubiye muri ayo masezerano.

Perezida Trump yashimiye Abakuru b'Ibihugu bombi bagaragaje ubutwari bwo gushyira imbere inyungu z'amahoro. Mu gutebya, yavuze ko Perezida Kagame na Thisekedi babaye inshuti, ati: "Reba ukuntu bakundanye."

# U Rwanda na USA byasinyanye amasezera no mu by'ubuzima y'asaga miliyari 328Frw

NYIRANEZA Judith

***Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane mu Rwanda, Amb. Olivier Nduhungirehe yatangaje ko u Rwanda na Leta Zunze Ubumwe z'Amerika byasinyanye amasezerano y'ubufatanye mu guteza imbere urwego rw'ubuvuzi hifashishwa ikoranabuhanga, kugira ngo rukore mu buryo bugezweho, akazaba afite agaciro k'amafaranga y'u Rwanda asaga miliyari 328.***

Yabitangaje kuri uyu wa Gatandatu tariki ya 6 Ukuboza 2025, abinyujije ku rukuta rwe rwa X.

Ati: "Amasezerano y'ubufatanye yasinywe hagati ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika n'u Rwanda mu by'ubuzima, twasinye uyu munsi, agaragaza intambwe ikomeye yerekeza ku bufatanye mu buryo bugezweho, buhamye, kandi bugamije guteza imbere urwego rw'ubuzima bujyanye n'ibyihutirwa bihuriweho muri gahunda y'ibiganiro hagati ya Amerika n'u Rwanda."


Hasinywe amasezerano y'ubufatanye mu rwego rw'ubuzima

Yongeyeho ko ayo masezerano ashimangira intego u Rwanda rwihaye mu kuzamura urwego rw'ubuzima.

Ati: "Amasezerano ashimangira intego y'u Rwanda yo kubaka gahunda y'ubuzima yigenga, ijyanye n'igihe, ikoresha ikoranabuhanga, ijyanye neza n'amahame ya za gahunda z'ubuzima mpuzamahanga za Amerika.

Ayo masezerano mu bufatanye mu by'ubuzima hagati y'u Rwanda na Amerika yashyiriweho umukono i Washington muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika.

USA yari ihagarariwe na Jeremy Lewin, Umunyamabanga Wungirije ushinzwe Ububanyi n'Amahanga, Ubutabazi bw'Ikiremwamuntu, n'Ubwisanzure bw'Iyobokamana, mu gihe u Rwanda rwahagarariwe na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Amb Olivier Nduhungirehe.

Ni amasezerano y'icyiciro cya kabiri cy'ubufatanye mu by'ubuzima hagati ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika n'u Rwanda, azamara imyaka 5, aho afite agaciro ka miliyoni 228 z'amadolari ya Amerika angana n'amafaranga y'u Rwanda asaga miliyari 328.

Biteganyijwe ko azakora bikorwa bitandukanye byo kurokora ubuzima hagamijwe gushyigikira gahunda yo guteza imbere urwego rw'ubuzima u Rwanda rwihaye.

U Rwanda na Leta zunze Ubumwe za Amerika ni ibihugu bisanzwe bifitanye umubano mwiza aho Leta Zunze Ubumwe z'Amerika zisanzwe zishyigikira iterambere ry'u Rwanda mu bijyanye n'ubuzima, uburezi, ubukungu, ubufatanye mu by'ikirere no guteza imbere imiryango itegamiye kuri Leta n'ibindi.





# U Burusiya na Libya byacyeje amasezerano y'u Rwanda na RDC

IBIKURIKIRA URUP.1

Gusa u Burusiya bwatangaje ko imbogamizi igihari ari uko nta mpinduka zigeze zigaragara mu Burasirazuba bwa RDC nyuma yo gusinya amasezerano, cyane ko agamije kugarura umubano mwiza hagati y'ibihugu byombi ariko, umutwe wa AFC/M23 ukaba ushinja Congo kurenga ku bikubiye mu masezerano y'amahoro baheruka gusinyana.

U Burusiya kandi buvuga ko bigoye ko intego yagerwaho byuzuye mu gihe hatabayeho kubanza gukemura impamvu shingiro z'amakimbirane mu Karere.

Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga ya Libya, na yo ishimangira ko amasezerano ari intambwe ikomeye yatewe mu gukemura amakimbirane y'ibihugu byombi no guharanira amahoro arambye mu Karere k'Ibiyaga Bigari ariko inashimangira ko intambara zikwiye guhagarara mu maguru mashya.

Ayo masezerano yasinywe ku bw'ubuhuza bwa Perezida wa Leta Zunze Ubumwe za Amerika Donald J. Trump, akaba ashimangira amasezerano y'amahoro yashyizweho umukono muri Kamena ndetse n'amasezerano y'amahame yayabanjirije.

Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga ya Libya, yashimangiye ko ayo masezerano agaragaza neza ko hakenewe guhosha imirwano byihuse, ndetse umutekano ukongera kugaruka mu Karere, ibihugu by'Akarere bikarushaho kwimakaza ubusugire bwabyo, ndetse hakabaho n'ubusugire bushingiye ku mutungo kamere wabyo.

Guverinoma ya Libya yizera ko iyo yabaye intangiriro y'ibiganiro bihoraho by'ubukungu hagati y'ibihugu byombi ndetse no hagati yabyo n'abashoramari baturutse muri Amerika n'ahandi ku Isi, kwimakaza ibiganiro bya dipolomasi, kugabanya amakimbirane no kongera umutekano urambye.

Libya kandi yashimiye imbaraga z'abayobozi bo muri Afurika ndetse n'abo ku yindi migabane bagize uruhare mu guharanira ko Akarere k'Ibiyaga Bigari kabonekamo amahoro arambye.

By'umwihariko hanashimwe intambwe imaze guterwa mu rugendo rw'ubiganiro bihuza Guverinoma ya RDC n'umutwe witwaje intwaro wa AFC/M23, byavuyemo Amasezerano y'Amahoro ya Doha yasinywe ku buhuza bwa Qatar.

Libya yagaragaje ko ishyigikiye byimazeyo ingamba zose mpuzamahanga n'izo mu Karere zigamije kugarura amahoro n'umutekano birambye ku mugabane wa Afurika.

Icyo gihugu cyashimangiye kandi ko cyiteguye gushyigikira ibiganiro byose biganisha ku mahoro kuko ari yo nzira rukumbi yafasha guhosha amakimbirane no kugera ku mutekano wa nyawo.

Kirashima kandi Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe (AU) ku bw'umusanzu uzira amakemwa udahwema kugira mu guharanira ko amahoro n'umutekano byagerwaho ku bufatanye n'abafatanyabikorwa mpuzamahanga .

Ku rundi ruhande AU yasabye impande zirebwa n'amakimbirane mu Burasirazuba bwa RDC guhagarika imirwano.

# Perezida Kagame yahagarariwe mu irahira rya Alassane Ouattara

IBIKURIKIRA URUP.1

Ku Cyumweru tariki ya 07 Ukuboza, Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva yageze i Abidjan ahabera umuhango w'irahira rya Perezida Ouattara kuri uyu wa Mbere tariki ya 08 Ukuboza 2025.

Akigera muri icyo gihugu yakiriwe na Minisitiri w'Intebe wa Côte d'Ivoire Robert Beugré Mambé, bagirana ibiganiro byibanze ku kurushaho kunoza umubano w'ibihugu byombi.

Ibirori by'irahira rya Alassane Ouattara byitezweho kwitabirwa n'Abakuru b'Ibihugu na Guverinoma batandukanye barimo Perezida wa Senegal Bassirou Diomaye Faye, Perezida wa Congo-Brazzaville Denis Sassou Nguesso, Perezida wa Mauritania Mohamed Ould Cheikh El Ghazouani, Perezida wa Ghana John Dramani Mahama, Perezida wa Sierra Leone Julius Maada Bio na Perezida wa Liberia Joseph Nyuma Boakaï.

Abandi Bakuru b'Ibihugu barimo Perezida wa Comoros Azali Assoumani, Perezida wa Gabon Brice Clotaire Oligui Nguema, Perezida wa Angola João Lourenço, Perezida wa Gambia Adama Barrow n'abandi ba Visi Perezida, ba Minisitiri b'Intebe n'abandi bayobozi b'imiryango mpuzamahanga ndetse n'abahagarariye ibigo binyuranye.

Biteganyijwe ko Perezida Alassane Ouattara arahira nk'uko biteganywa n'Itegeko Nshinga, akaza gukurikizaho gufata ijambo ageza ku banyagihugu aho asobanura mu nshamake ibyo yiyemeje gukora muri manda nshya.

Muri ibyo, byitezwe ko aza kugaruka ku musanzu we mu kurushaho kwimakaza amahoro mu gihugu no ku mugabane wa Afurika, kunga ubumwe bw'abaturage, kubaka politiki ihamye ndetse no gukora amavugurura y'ubukungu n'imibereho myiza ajyanye n'icyerekezo cy'Igihugu.

Irahira rya Alassane Ouattara ribaye mu gihe u Rwanda na Côte d'Ivoire bikomeje kwishimira umubano wibanda ku butwererane mu bukungu, ubucuruzi cyane cyane ubushingiye ku ngendo za RwandAir, guhererekanya ubumenyi mu nzego zirimo kwiyubaka nyuma y'intambara ndetse no kwimakaza ikoranabuhanga mu miyoborere.

Ibyo byose bishimangirwa n'ingendo zihoraho z'abayobozi bakuru b'ibihugu ndetse no


Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva Justin, yahagarariye Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame, mu irahira rya Perezida wa Cфte d'Ivoire Alassane Ouattara

gusinyana amasezerano arimo aheruka gusinywa ajyanye no gukuraho visa ndetse no gushyiraho komisiyo zihuriweho.

Inzego z'ingenzi z'ubutwererane bw'ibihugu byombi, zirimo ubwikorezi bwo mu kirere, ikoranabuhanga, kongerera agaciro umusaruro w'ubuhinzi, u Rwanda rugasangiza icyo gihugu ubunararibonye mu miyoborere.

Perezida Kagame aheruka gusura iki gihugu mu kwezi k'Ukuboza kwa 2018, mu ruzinduko rwari rukurikiye urwa Perezida Alassane Ouattara mu ntangiriro z'uwo mwaka, izo ngendo zikaba zaratanze umusaruro w'isinywa ry'amasezerano y'imikoranire itandukanye.

Ibihugu byombi bifite za Ambasade zihagararira inyungu zabyo. Ambasaderi w'u Rwanda muri icyo gihugu ni Amb. Rosemary Mbabazi.

# Ibikubiye mu ruzinduko rw'Umwamikazi wa Lesotho mu Rwanda

NTAWITONDA Jean Claude

***Umwamikazi wa Lesotho Masenate Mohato Seeiso, ari mu ruzinduko rwa mbere rw'akazi mu Rwanda rwatangiye tariki ya 3 Ukuboza 2025, rugamije kugirana ibiganiro n'inzego zinyuranye ziganjemo izikora mu rwego rw'ubuzima, uburezi no kongerera ubushobozi urubyiruko.***

Ku wa Kane tariki ya 4 Ukuboza, Madamu Masenate Mohato Seeiso yasuye ibiro by'Umuryango Imbuto Foundation ugira uruhare mu iterambere ry'uburezi bw'u Rwanda, ubuzima no gushyigikira abana b'abakobwa by'umwihariko.

Yakiriwe na Madamu Jeannette Kagame wamusobanuriye ibikorwa by'uwo Muryango n'inyungu z'impande zombi mu buzima, uburezi n'iterambere ry'urubyiruko.

Ibyo biganiro bikurikira ibiganiro Umwamikazi Masenate Mohato Seeiso yagiranye n'abayobozi bo muri Minisiteri y'Ubuzima aho yasobanuriwe intambwe ishimishije y'u Rwanda rugezeho mu kurushaho kwimakaza ubuvuzi kuri bose, kugura inkingo ndetse no gushyiraho ibikoresho by'ibanze.

Kuri uyu wa Kane nanone, Umwamikazi Masenate Mohato Seeiso n'istinda rimugaragiye, basuye Urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali, aho yunamiye inzirakarengane zisaga miliyoni zishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ndetse anasobanurirwa byinshi ku mateka y'u Rwanda n'urugendo rwo kwiyubaka.

Yagaragaje ko u Rwanda rumaze gutera intambwe ishimishije mu kurushaho kongerera imbaraga inzego z'ubuvuzi, ashima by'umwihariko ko u Rwanda rwamaze gushyiraho uburyo bubafasha kubona inkingo mu buryo bworoshye kandi zikabonekera igihe cyose zikenewe.

Yagaragaje ko yashenguwe na Jenoside yakorewe Abatutsi yashegeshe u Rwanda rwabuze abasaga miliyoni imwe mu gihe cy'iminsi 100 gusa, agashima uko uyu munsi inkuru y'u Rwanda mu kwimakaza ubumwe, ubwiyunge n'ubudaheranwa ari icyitegererezo mu ruhando mpuzamahanga.



Madamu Jeannette Kagame yakiriye Madamu Masenate Mohato Seeiso wasuye Ibiro by'Umuryango Imbuto Foundation

Ubwami bwa Lesotho buvuga ko uru ruzinduko rugamije kwigira ku rwego u Rwanda rugezeho mu kuradura Kanseri y'Inkondo y'Umura (HPV) no guhuza indege nto zitagira abapilote no gukwirakwiza amaraso mu mavuriro n'ibindi bikoresho by'ubuvuzi.

Minisitiri w'Ubuzima wa Lesotho Selibe Mochoboroane, yanavuze kandi ko uru ruzinduko ari amahirwe akomeye ku bakora mu rwego rw'ubuzima muri Lesotho yo kwigira ku ikoranabuhanga rigezweho mu rwego rw'ubuvuzi bw'u Rwanda.

Yongeyeho ko ubutwererane bw'u Rwanda na Lesotho bworoshywa no kuba ari ibihugu byegeranye, avuga ko biteguye no kwigira ku ntambwe imaze guterwa mu kwimakaza ubuhinzi bwa kijyambere aho yiyemeje gushishikariza abakora mu buhinzi bw'iwabo kuzaza na bo bakagira amasomo bafatira ku kibuga.

# Umuvunyi Mukuru asanga ruswa yatuma intego z'icyerekezo 2050 zitagerwaho



Umuvunyi Mukuru, Nirere Madeleine yagaragaje ko ruswa yakoma mu nkokora kugera ku ntego z'icyerekezo 2050

KAMALIZA Agnes

***Umuvunyi Mukuru, Nirere Madeleine yagaragaje ko icyakoma mu nkokora kugera ku ntego z'icyerekezo 2050, u Rwanda rwihaye ari ruswa, kandi ko mu gihe yakomeza guhabwa intebe ntakabuza yamunga ubukungu bw'Igihugu.***

Intego y'Icyerekezo 2050, u Rwanda rwiyemeje kuba ku rwego rwo hejuru mu kurwanya ruswa, kugendana n'ibigezweho, kubaka ubukungu butajegajega, n'ubuzima bwiza ku baturage bose.

Mu ngamba kiyemeje harimo kwimakaza ubunyangamugayo, ibikorwa byiza no gukoresha ikoranabuhanga n'ubufatanye mu guhashya ruswa.

Ubushakashatsi bwa 16 kuri ruswa mu Rwanda (Rwanda Bribery Index), bwerekanye ko mu mwaka wa 2025, hatanzwe ruswa ya miliyoni zisaga 29 n'ibihumbi 532 by'amafaranga y'u Rwanda, aho impuzandengo y'amafaranga yatanzwe n'umuturage umwe ingana n'ibihumbi 262 148.

Abanyarwanda 9,5% mu basabwe ruswa cyangwa abayitanze ni bo batanze amakuru ku nzego zishinzwe kuyirwanya, mu gihe 90.5% binumiye.

Imibare igaragaza ko mu barenga 2 360 bakoreweho ubushakashatsi, muri bo 14,6% bagaragaza ko bahuye n'ibikorwa birimo gusabwa ruswa cyangwa kuyitanga mu mezi 12 ashize.

Nirere Madeleine avuga ko nubwo hari intambwe u Rwanda rwateye mu kurwanya ruswa yatumye rugera ku mwanya wa 43 ku Isi, ariko hakiri icyuho kuko hari abakiyitanga n'abayakira kandi ibyo bikaba ari icyorezo kibi cyashyira Igihugu mu kaga.

Yagize ati: "Ruswa ni icyorezo kigomba kurandurwa burundu. Icyerekezo 2050 cy'u Rwanda ntikizagerwaho tudashyize hamwe ngo tuyirwanye."

Yongeyeho ko nubwo hari ingamba zo kuyihashya ariko, anenga bamwe bagifite imyumvire yo kumva ko kubona serivisi bemerewe bagomba kuyishyurira, n'abandi bumva ko gukoresha ruswa ari inzira yoroshye yo kubona serivisi.

Yongeyeho ati: "Ingamba zirahari kandi burya ruswa itatanzwe ntabwo yaribwa."

Urwego rw'Umuvunyi rugaragaza ko 98% by'abakozi bashobora kubona akazi batatanze ruswa, mu gihe igipimo ku bayitanze muri uyu mwaka kiri kuri 1,14% naho 4,20% bakaba baremeye kuyakira.

Ubushakashatsi bwa 2025, bw'Umuryango Mpuzamahanga Urwanya Ruswa n'Akarengane mu Rwanda, (Transparency International Rwanda), kandi bwerekanye ko mu nzego zariwemo ruswa ntoya cyane, Ikigo cy'Igihugu cy'Imisoro n'Amahoro, (RRA) kiri kuri 32%, Polisi y'Igihugu ku gipimo cya 9%, serivisi za banki 10%, serivisi z'ubuvuzi 17%.

Urwego rw'Ubugenzacyaha (RIB) kimwe n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ingufu (REG) biri kuri 2%, mu gihe mu bigo by'amashuri yisumbuye biri kuri 1%.





# Guverinoma yashimye uruhare rwa Kiliziya Gatolika mu iterambere ry'igihugu



Guverinoma y'u Rwanda yashimye uruhare rwa Kiliziya Gatolika mu iterambere ry'u Rwanda

KAYITARE Jean Paul

***Guverinoma y' u Rwanda yashimye uruhare rwa Kiliziya Gatolika mu iterambere ry'u Rwanda binyuze mu ngeri zitandukanye zirimo uburezi, ubuvuzi n'imibereho myiza y'Abanyarwanda.***

Byagarutsweho na Minisitiri w'Intebe, Dr. Justin Nsengiyumva, ubwo yagezaga ubutumwa ku mbaga y'abakirisitu baturutse hirya no hino mu Rwanda mu birori byo kwizihiza isabukuru y'impurirane y'imyaka 125 ivanjili imaze igeze mu Rwanda.

Ni ibirori byabanjirijwe n'igitambo cya Misa cyaturiwe muri Sitade Amahoro, kuri uyu wa Gatandatu tariki 06 Ukuboza 2025. Igitambo cy'ukarisitiya cyatuwe n'Umushumba wa Arikidiyosezi ya Kigali, akaba na Perezida w'Inama y'Abepisikopi Gatolika mu Rwanda, Antoine Cardinal Kambanda.

Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva yavuze ko Yubile y'impurirane y'imyaka 125 ivangili igeze mu Rwanda ari umwanya wo gusubiza amaso inyuma, hazirikanwa urugendo rurerure rwuzuyemo ukwemera, urukundo no kwitangira abandi byaranze Kiliziya Gatolika mu Rwanda.

Yagize ati: "Mu gihe cy'imyaka 125 ishize, Kiliziya Gatolika yabaye umufatanyabikorwa w'indashyikirwa mu iterambere ry'Igihugu cyacu, umusanzu wayo ugaragara mu mibereho y'Abanyarwanda cyane cyane mu burezi, mu buvuzi, ubumwe n'ubwiyunge no mu kubaka umuryango nyarwanda ufite indangagaciro n'icyerekezo."

Akomeza agira ati: "Leta y'u Rwanda yishimiye kwifatanya na Kiliziya Gatolika mu kwizihiza iyi Yubile y'amateka. Ubufatanye hagati ya Guverinoma na Kiliziya Gatolika, bakomeje kuba inkingi ikomeye mu iterambere ry'u Rwanda."

Uburezi n'amahuriro y'ubumenyi bya Kiliziya Gatolika byafashije igihugu kubaka Umunyarwanda ufite indangagaciro, ubumenyi n'ubushobozi.

Guverinoma y'u Rwanda igaragaza ko mu bigo n'amavuriro bya Kiliziya Gatolika byakomeje kuba igicumbi cy'ineza ku baturage bose, byita ku baturage bafite intege nke n'abarwayi bose ku buryo bungana, bashaka ubuvuzi no kwigarurira icyizere.

Mu mibereho y'imiryango, Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva yavuze ko Kiliziya Gatolika yabaye isoko y'ubufasha n'ubufatanye, yita ku rubyiruko, ifasha imiryango, ikanahora iruhande rw'abatishoboye.

Ati: "Turashimira uruhare Kiliziya Gatolika yagize mu bikorwa byo guhuza Abanyarwanda no kubafasha gukira ibikomere byatewe na Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ni urugendo rwashobotse binyuze mu bwitange, ubutwari n'urukundo. Muri iyi myaka 125 ivangili imaze igeze mu Rwanda, ibyo Kiliziya Gatolika yakoze ni byinshi cyane kandi Leta y'u Rwanda n'Abanyarwanda bazahora babiyishimira."

Nubwo hishimirwa ibyagezweho muri iyi myaka 125 ivanjili imaze igeze mu Rwanda, Guverinoma isaba abantu gukomeza gufatanya muri gahunda yo kubaka Umunyarwanda wifitiye icyizere.

Ati: "Turifuza gufatanya na Kiliziya Gatolika n'andi matorero mu gukomeza kunoza uburezi bw'abana b'Abanyarwanda nta n'umwe usigaye inyuma.

Umwana wiga ni igihugu cyubakwa, iyo abana batiga ni ejo hazaza haba hashyizwe mu kaga. Twizeye ko amatorero cyane cyane Kiliziya Gatolika azakomeza akazi keza akora muri uru rwego."

Roho nzima itura mu mubiri muzima', aha ni ho ahera ashishikariza amatorero yose gukomeza ubutumwa bwiza, afasha Abanyarwanda guteza imbere ubuzima no kugira isuku.

Agira ati: "Isuku ni inkingi y'ubuzima bwiza iyo dutuye ahantu hasukuye, iyo dukora ibidukikije bisukuye n'imibiri yacu ikaba isukuye, dushobora kurwanya indwara kandi tugahora dufite umutekano w'ubuzima bwacu.

Nkuko twakomeje kubaka umunyarwanda, turasanga igihe kigeze ko duhindura umuvuno tugashyira imbaraga mu kubaka umunyarwanda wumva neza ko tugomba kwishakamo ibisubizo.

Kubaka ejo heza h'abana bacu, bisaba ko tubarera mu buryo bumva neza ko ak'imUhana kaza imvura ihise, ibibazo byacu ni twebwe tugomba kubibonera umuti."

Abanyarwanda bose bashishikarizwa gusaba Imana kubaha imbaraga zo gukomeza kubaka umuryango n'Igihugu gifite ubuzima bwiza, umudendezo n'icyerekezo gihamye.

Ubutumwa Papa Léon XIV yageneye Abanyarwanda kandi bugasomerwa mu gitambo cya Misa, yibukije abakirisitu ko bahamagariwe gusubiza amaso inyuma, bakareba ibyaranze amateka n'uburyo Imana ari igitangaza kandi yuzuza isezerano ryo gukiza abantu.

Yagize ati: "Ubuntu bw'Imana ntibwaretse kubana namwe mu gihe byari bikomeye mu gihugu cyanyu.

U Rwanda rwateye imbere mu bya Roho rubikesha kwitanga kw'abashumba kandi muri abahamya badatezuka."

Hari byinshi byo kwishimira cyane cyane mu bwiyongere mu muhamagaro w'Imana, mu bakirisito, imiryango remezo n'uburyo abakirisitu bashyira hamwe mu mikorere ya buri muntu.

Akomeza agira ati: "Yubile ni igihe cya ngombwa kandi cyiza, ni igihe cyo gufata ingamba nshya murushaho gucengera byimazeyo igikorwa cyo kwamamaza ivanjili. Ni umwanya mwiza wo kurushaho kureba uko mwakora ubutumwa burushijeho."

Nubwo hari byinshi byagezweho haracyariho imbogamizi mu gutagatifuza mu bijyanye n'ubwiyunge n'amahoro.

Agira ati: "Muhamagariwe gushyira imbaraga mu iyogezabutumwa kugira ngo mwubake kiliziya ishinze imizi mu bumwe no kugendera hamwe. Ntimurambirwe kuba abafatanyabikorwa mu kwigisha ijambo ry'Imana mu muryango murimo kugira ngo mushobore kugirira icyizere igihugu cyanyu."

Arikiyepiskopi wa Kigali, Antoine Cardinal Kambanda, yavuze ku bihe bibi byaranze iyogezabutumwa rya Gikirisitu mu Rwanda aho hari n'abakirisitu bijanditse muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Yakomeje agira ati: "Nubwo hari ibyiza byinshi dushimira Imana, ariko Kiliziya mu Rwanda yagiye igira ibibazo bikomeye."

# Perezida Kagame n'Umuyobozi wa IMF baganiriye ku guteza imbere ubukungu



Perezida Paul Kagame yagiranye ibiganiro n'Umuyobozi w'Ikigega Mpuzamahanga cy'Imari (IMF) Kristalina Georgieva

**ZIGAMA** Theoneste

***Perezida wa Repubulikay'u Rwanda, Paul Kagame yagiranye ibiganiro n'Umuyobozi w'Ikigega Mpuzamahanga cy'Imari (IMF) Kristalina Georgieva, bagaruka ku bufatanye bw'icyo kigega n'u Rwanda mu iterambere ry'ubukungu ndetse n'urugendo rw'Igihugu mu guteza imbere iterambere rirambye n'impinduramatwara mu bukungu.***

Mu biganiro byabo, Perezida Kagame na Georgieva bagarutse ku musaruro w'ubufatanye bumaze igihe hagati ya IMF n'u Rwanda, burimo no gushyigikira gahunda z'igihugu zigamije guteza imbere ubukungu bushingiye ku miyoborere myiza, imishinga y'iterambere rirambye ndetse no kongera ubushobozi bw'inzego z'imari.

Ikigega Mpuzamahanga cy'Imari (IMF) cyashimye imikorere myiza y'ubukungu bw'u Rwanda ndetse n'ishyirwa mu bikorwa rya politiki rinoze.

Ubwo Umuyobozi Mukuru wa IMF, Kristalina Georgieva, yahuraga na Perezida Paul Kagame i Washington, yashimye "ubudahemuka bwe mu gushyira mu bikorwa politiki zinoze," anashimira u Rwanda ku gusoza neza uyu mushinga.

Ibi bibaye hashize iminsi mike u Rwanda na Amerika basinye amasezerano, agamije gukomeza ubufatanye mu bikorwa by'inyungu rusange n'ubukungu muri rusange.

Binakurikiranye n'amasezerano Amerika iherutse kugirana na Kenya mu bijyanye no gutera inkunga urwego rw'ubuzima, bigashyira u Rwanda mu bihugu byo mu karere bikomeje gukomeza imikoranire na Washington binyuze mu mavugurura y'ubukungu n'imiyoborere.

IMF yishimira ubufatanye bukomeye ifitanye n'u Rwanda," nk'uko byatangajwe na Georgieva kuri X.

Mu isesengura rya IMF ryasohotse ku wa 4 Ukuboza, IMF yatangaje ko ubukungu bw'u Rwanda "butajegajega kandi bwihagazeho" nubwo bwahuye n'ihungabana rituruka imbere mu gihugu no ku rwego mpuzamahanga.

Ni ubukungu bwiyongereyeho 7.2% mu 2024 no mu mezi atandatu ya mbere ya 2025, bitewe ahanini n'iterambere ry'urwego rw'ubucuruzi n'imitangire ya serivisi, ibikorwa by'ubwubatsi ndetse n'izamuka ry'ibyo u Rwanda rwohereza mu mahanga birimo ikawa.

Ibiciro by'ibicuruzwa byakomeje kuba mu mbago zashyizweho na Banki Nkuru y'u Rwanda ya 2- 8%, mu gihe ububiko bw'amadovize bwakomeje kuba ku rwego rushimishije aho rufite ayamara amezi 4.8 ku bicuruzwa byinjira mu gihugu.

**KAMALIZA** Agnes

# BNR yijeje ko ibiciro ku isoko bitazakomeza kuzamuka

***Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR) yijeje Abanyarwanda ko ibiciro ku isoko bitazatumbagira ngo birenge mu mbago ziri hagati ya 2-8% haba mu mpera z'uyu mwaka ndetse n'utaha wa 2026, kandi ko umwaka wa 2025 uzarangira impuzandengo y'umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro y'umwaka wose uri kuri 6.9%.***

Guverineri wa Banki Nkuru y'u Rwanda, Soraya Hakuziyaremye yabigarutseho ku wa Mbere tariki ya 1 Ukuboza 2025, bwo yagezaga ku Nteko Ishinga Amategeko, imitwe yombi Raporo y'Ibikorwa bya Banki Nkuru y'u Rwanda by'umwaka wa 2024/25.

Ibipimo biheruka by'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare (NISR) byagaragaje ko ibiciro ku isoko byiyongereyeho 7,1% mu Ukwakira 2025, ugereranyije n'ukwezi nk'uko kwa 2024.

Gusa bikaba byaragabanyutse ugereranyije na 7,3% byariho muri Nzeri 2025.

NISR kandi yagaragaje ko ibiciro byiyongereye bitewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye, aho byiyongereyeho 1,6%, mu gihe ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 16%.



BNR yagaragaje ko ibiciro bitazatumbagira ngo birenge imbago z'ibipimo biteganyijwe

Guverineri Hakuziyaremye yavuze ko nubwo ibiciro ku masoko bigaragara ko byazamutse ariko hari icyizere ko umwaka uzarangira umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro utarenze 6.9%.

Yagize ati:"Nagira ngo mbahumurize ko hari akanama gashinzwe kureba uko ibiciro by'ibikomoka ku biribwa bihagaze. Kagenda kareba uko ibihe by'ihinga bigenda, natwe bikadufasha gukora iteganyamibare ryerekana aho umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro uzaba ugeze.

Mu mibare tubona tuzarangiza umwaka wa 2025, ku mpuzandengo y'umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro y'umwaka wose, turi kuri 6.9%."

Yongeyeho ko n'umwaka utaha izamuka ry'ibiciro ritazarenza imbago za 8%, ndetse yizeza ko hari icyizere ko uwo muvuduko ushobora kuzagabanyuka mu 2026.

Hakuziyaremye yagaragaje ko akanama gashinzwe politiki y'ifaranga iyo ibiciro byazamutse kagaragaza ingaruka bishobora kugira ariko iryo zamuka riterwa n'ingano y'ibiba byaratumijwe mu mahanga n'ibyo igihugu cyohererezayo.

BNR yagaragaje ko ubushakashatsi yakozwe bwagaragaje aho gushyira imbaraga kuko mu myaka itanu ishize umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro wigeze kugera kuri 21%.

Hakuziyaremye yongeyeho ati:"Ingamba zimwe zagiye zishyirwa mu rwego rw'ubuhinzi zagiye zituruka mu bushakashatsi twakoze twerekana ko hatagiye imbaraga mu rwego rw'ubuhinzi kugira ibiciro by'ibiribwa bidakomeza kuzamuka ku masako, bigorana kugira umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro ushobore kuba wagaruka muri za mbago za 2-8%."

Ku ngingo ijyanye n'izamuka ry'ibiciro bya lisansi na mazutu, Guverineri Hakuziyaremye yatangaje ko impuzandengo y'umuvuduko y'umwaka wose uzarangira biri kuri 6,9%, naho izamuka muri rusange rizaba riri kuri 5.8%.

Yavuze ko izamuka ry'ibikomoka kuri peteroli rishobora kugira ingaruka ku biciro by'ubwikorezi cyangwa ibicuruzwa, bikaba byagira ingaruka ku itumbagira ryabyo.

Urwego rw'Igihugu Ngenzuramikorere (RURA), mu Ugushyingo rwatangaje ko litiro ya lisansi izajya igura 1989 Frw, mu gihe iya mazutu ari 1900Frw, bigakurikizwa mu gihe cy'amezi abiri ari imbere, uhereye ku wa 8 Ugushyingo 2025.

Hakaba harabayeho izamuka ry'amafaranga 127 kuri litiro ya lisansi, na 92 Frw ku ya Mazutu.





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

# Ijambo ry'Ibanze

## *Urubyiruko rwanga gukora rushyira Igihugu mu kaga*

*Iterambere u Rwanda rugezeho muri uyu mwaka wa 2025 n'icyerekezo rufite cyo kuba kimwe mu bihugu biteye imbere mu myaka 25 iri imbere, bishingiye ku bari urubyiruko mu myaka 31 ishize rwaranze kurebera ahazaza hagana habi, bagaharanira kuhafata mu biganza byabo binyuze mu kwitanga.*

*Umwe mu baririmbyi b'injyana za karahanyuze, yaririmbye indirimbo irimo ubutumwa bushishikariza abakiri bato gukora bagifite imbaraga, aho yavuze ati: "Akabando k'iminsi ugaca hakibona."*

*Aka kabando kagereranywa n'ibikorwa bikwiriye mu gihe cyabyo abakiri bato bakora n'igihe baba nta nyungu z'ako kanya babona, ariko kudacika intege bikazatuma bagera mu gihe imbaraga zabo zigabanyuka bafite ibibatunga.*

*Muri iyi minsi imiryango imwe n'imwe yo mu byaro igenda ihura n'ingorane zituruka ku kugira abana bayivukamo bihaye ingeso yo kurera amaboko yabo, bategereje ko ababyeyi babo bagira icyo babamarira, hakaba hari na bamwe byagiye byumvikana ko bagirira ababyeyi babo nabi cyangwa bakabica kugira ngo basigare mu mitungo.*

*Mu bice bitandukanye by'amajyaruguru n'uburengerazuba bw'u Rwanda havugwa abasore banze gukora birirwa bashyira ababyeyi babo ku nkeke ngo babahe amafaranga bifashisha mu kwinezeza, kugura ibisindisha n'izindi ngeso.*

*Urugero, bamwe mu bageze mu zabukuru bo mu Karere ka Musanze bahangayikishijwe n'abana babo bamaze kuba abasore n'inkumi babahoza ku nkenke babasaba kugurisha imitungo kugira ngo babihere amafaranga, nyamara baranze gukora icyabateza imbere ahubwo bakigira mu businzi.*

*Mu gihe Igihugu gifite urubyiruko rwifuza kubona ibyiza rutakoze, ahazaza haba hari mu kangaratete kuko icyerekezo u Rwanda rufite uyu munsi kizajyana n'umuhate w'abajyambere batadohoka ku nshingano zo kwiteza imbere.*

*Kimwe mu bituma urubyiruko rwanga gukora ni ugusuzugura imirimo kubera kumva ko iyo mirimo iciriritse, rugahitamo kubaho rwumva ko ruzatangira gukora habonetse akazi rwifuza.*

*Nyamara umuntu wese wifuza gutera imbere, akora umurimo umwinjiriza ibyo adafite, aho gutegereza kuzabona umuha ibya Mirenge.*

*Igihe cyatakaye ntikigaruka, urubyiruko rufite amahirwe yo gukora uyu munsi rureke kuyapfusha ubusa rwinemfaguza imirimo rwita ko iciriritse kandi igabura, bo bicira isazi mu maso.*

# U Rwanda ruracyahagaze ku ngamba z'ubwirinzi kubera FDLR

**NTAWITONDA** Jean Claude



Umuvugizi wa Guverinoma y'u Rwanda Madamu Yolande Makolo

***Guverinoma y'u Rwanda yongeye gushimangira ko mu gihe hagiye gusinywa amasezerano y'amahoro n'ubukungu nk'intangiriro y'igisubizo cy'amahoro n'iterambere birambye muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), ingamba z'ubwirinzi ku mipaka y'Igihugu zizagumaho kugeza igihe umutwe w'iterabwoba wa FDLR uzaba wamaze kurandurwa burundu.***

Umuvugizi wa Guverinoma y'u Rwanda Madamu Yolande Makolo, yabikomojeho mu kiganiro yagiranye n'umunyamakuru wa NEWSMAX, agaruka ku gaciro k'ayo masezerano yitezweho gutanga umusanzu ukomeye mu rugendo rwo gukuraho impamvu shingiro z'umutekano muke umaze imyaka 31 mu Burasirazuba bwa RDC.

Makolo yavuze ko FDLR ari wo mutwe w'iterabwoba uteje ingorane zirandaranda mu buryo bw'amacakubiri n'irondakoko byagejeje u Rwanda kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ukaba uteje inkeke kuko abawugize bakomereje ingengabitekerezo ya Jenoside muri RDC yabakiriye, bafite n'umugambi wo kugaruka mu Rwanda bagasoza uwo mugambi mubisha bunamuweho.

Agaruka ku ntambwe imaze guterwa nyuma y'amasezerano y'amahoro ya Washington yashyizweho umukono na ba Minisitiri b'Ububanyi n'Amahanga b'ibihugu byombi mu mpera za Kammena 2025, Madamu Makolo yavuze ko nubwo hari ntambwe yatewe ariko hari n'ibyo RDC ikomeje kurengaho nkana.

Yagize ati: "Hari ibyakemutse ariko hari ibindi bigikeneye gukemuka. Ibintu byo kurenga ku masezerano yo guhosha imirwano biracyarimbanyije, kandi Guverinoma ya DRC ikwiye kubahiriza ibyo yiyemeje kubahiriza, harimo kurandura FDLR yasize ikoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, maze icyo gihe ni bwo tuzabasha gukuraho ingamba z'ubwirinzi ku mipaka yacu."

Madamu Makolo yanashimangiye ko FDLR ikiri ikibazo gikomeye ku mutekano kuko ibihamya bihari ko bagihari ndetse bayobowe n'abayobozi bakuru babarirwa muri 12 bahoze ari abasirikare bakuru mu Ngabo za Leta yateguye ikanashyira mu bikorwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ati: "Hari abayobozi bakuru babo bagera kuri 12 kuri ubu bayoboye umutwe witwa FDLR, bafite umugambi wo gusoza ibyo batangiye mu mwaka wa 1994."

Ku rundi ruhande yagarutse ku cyizere gitangwa n'amasezerano asinywa kuri uyu wa Kane ibihugu byombi bibifashijwemo n'ubuyobozi bwa Leta Zunze Ubumwe za Amerika burangajwe imbere na Perezida Donald J. Trump.

Yashimiye imbaraga Perezida Donald Trump akomeje gushyira mu guharanira ko Akarere kabona amahoro n'umutekano birambye, ariko akanagaruka ku kuba anateganya gufungura amahirwe y'ubukungu n'iterambere birambye.

Yavuze ko umwihariko w'ubuhuza bwa Amerika ari uko bufite umugambi wo gukemura ibibazo bihereye mu mizi, ndetse bugafungurira ibihugu by'Akarere amahirwe y'ishoramari n'ubutwererane burambye mu by'ubukungu.

Mu mpamvu shingiro zigomba gushakirwa umuti urambye harimo no kurandura burundu umutwe w'iterabwoba wa FDLR kugira ngo u Rwanda rubashe kumva ko rutekanye ku buryo rwakuraho ingamba z'ubwirinzi zashyiriweho gukumira ko ibibazo bya RDC byakwambuka imipaka bigasagararira Abanyarwanda nk'agahugu gato gakataje mu iterambere.

Makolo ati: "Ubuyobozi bwa Trump bwinjiye muri iki kibazo mu buryo bukwiye, kubera ko barimo kwibanda ku buhuza bwita ku kureba imbogamizi za nyazo ku mahoro, ari na cyo kibazo cy'umutekano. Iyo mitwe yitwaje intwaro yose [isaga 130] iraduteza ingorane ku mupaka wacu, ubuyobozi bwa Trump burimo kureba ku mpamvu shingiro, impamvu za politiki z'iyi mirwano, kandi ni ingenzi kuri RDC ifite ibibazo."

U Rwanda rubona amahirwe akomeye mu bufatanye bwitezwe kuvuka kuri ayo masezerano, haba mu guteza imbere ishoramari mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro, iterambere ry'ibikorwa remezo ndetse n'ingufu.

Gusa ngo inkingi ya mwamba hejuru ya byose ni uko u Rwanda rukeneye kugira amahoro mbere y'ibindi byose, ari na yo mpamvu ruha agaciro urugendo rwose rwa dipolomasi rurimo n'ayo masezerano rugomba guherekeza kugeza ku musozo.

# Dr Ndabamenye yasabye abayobozi kuva muri hoteli bakarwanyiriza igwingira mu ngo



Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi Dr Ndabamenye Telesphore yasabye inzego zose kujya mu baturage akaba ari ho barwanyiriza imirire mibi

ZIGAMA Theoneste

***Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi Dr Ndabamenye Telesphore, yasabye inzego zose zifite aho zihurira no kurwanya igwingira n'imirire mibi mu bana kugabanya ibiganiro byinshi bikorerwa mu byumba by'inama za hoteli n'ahandi, bikajyanwa aho abaturage bari, ku mirima, mu ngo no mu Midugudu hasuzumwa niba ibyo bategura kubakorera bishoboka koko.***

Yabikomojeho ku wa Kabiri tariki 2 Ukuboza 2025, mu Nama nyunguranabitekerezo ku ruhererekane rw'ibiribwa, igamije kurebera hamwe uko u Rwanda rwahangana n'igwingira ry'abana n'imirire mibi cyane cyane ku bagore batwite n'abonsa.

Iyo nama yateguwe na MINAGRI ku bufatanye n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Bana (UNICEF), yahuje abashakashatsi, inzego z'ubuzima, Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Imikurire no kurengera Umwana (NCDA), Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubuziranenge bw'imiti n'ibiribwa (FDA) n'abandi bafatanyabikorwa.

Minisitiri Dr Ndabamenye yavuze ko guhura kw'inzego zigafatanya mu biganiro ari byiza, ariko ko bitagirira akamaro gafatika abaturage igihe bitabera aho ikibazo kiri.

Yagize ati: "Gahunda yo guteza imbere uruhererekane rw'ibiribwa tuyikure mu ntekerezo, tuyijyane ku mirima turebe ko inakoreka. Iyo ubiganiriye utari kumwe n'abaturage kandi ari bo baba bahinga banorora ntabwo umenya ibibazo bafite."

Yongeyeho ko inzego zifata ibyemezo n'abashakashatsi bakwiye kwihatari guhugura ababyeyi uko batoza abana kurya iby'ingenzi.

Ati: "Abana na bo bakwiye kwigishwa kurya indyo iboneye, kuko usanga hari ibiribwa banga atari uko bidafite akamaro ahubwo ari ukubera ko batabitojwe.

Ubwo bukangurambaga bugomba kugendana n'ibyo kurya kuba bihari, kugira ngo abatabimenyereye babyigishwe ariko babifite. Hari abatanze urugero rwo ku munsi mukuru w'ibiribwa, aho abana banze amata, ariko si ukuyanga kuko hari icyo yabatwara, ahubwo wenda ntabwo babitojwe."

Yibukije ko MINAGRI ikomeje gushyira imbere gahunda zo guteza imbere imirire irimo guhinga ibihumyo, korora amatungo magufi n'izindi gahunda ziyongera ku bukangurambaga bwo kwimakaza imirire myiza mu baturage.

Imibare y'ubushakashatsi ku mibereho y'ingo yo mu 2023, yashyizwe ahagaragara n'Ikigo cy'Ibarurishamibare, yerekana ko 33% by'abana bari munsi y'imyaka itanu bafite ikibazo cyo kugwingira, biganje mu bice by'icyaro aho tumwe mu Turere bigera ku gipimo cya 40%, ugereranyije n'Umujyi wa Kigali aho biri hasi cyane.

Iyo mibare kandi igaragaza ko 7.7% by'abana bafite ikibazo cyo guta ibilo, mu gihe 42% bafite amezi kuva kuri 6 kugera kuri 59 bafite ikibazo cyo kubura amaraso ahagije (Anemia), naho 17% by'abagore bafite imyaka yo kubyara bafite imirire mibi na 38% bafite Anemia, aho ibyo bibazo bigira ingaruka ku buzima bwabo no ku mikurire y'abana.

Ubushakashatsi bwa NISR bwo mu 2023 kandi bwerekanye ko abana 23% gusa bafite hagati y'amezi 6-23 bahabwa indyo iboneye haba mu bwinshi no mu bwiza, ibigaragaza ko benshi batarahabwa indyo ibafasha gukura neza.

Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Imikurire no Kurengera Umwana (NCDA), Ingabire Assoumpta yagaragaje ko kugeza ubu hari ababyeyi bamwe badafite imyumvire yo kugaburira abana indyo yuzuye ariko na bo ubwabo ntibabashe kuyirya.

Uwo muyobozi kandi yavuze ko mu Rwanda hakiri ikibazo cy'abagore baba batwite batabasha kwipimisha inda ku gihe kuko ubu ababikora uko bikwiye bari kuri 55%, ibyo na byo bikaba bigira ingaruka ku bana aho bamwe bahakura igwingira.

Yagize ati: "Hari ubwo bumenyi bw'ababyeyi bukiri hasi, aho dukomeje kubaha ubumenyi ngo babijijukirwe bite ku mirire myiza, bazi n'akamaro kabyo, kuko iyo umuntu abisobanukiwe arabyitabira."

Uhagarariye UNICEF mu Rwanda Lieke van de Wiel, yemeje ko UNICEF yiteguye gukomeza gufatanya na Leta y'u Rwanda mu guhangana n'imirire mibi mu bana.

Gusa anagaragaza ko hakenewe kongerwa imbaraga mu guhindura uruhererekane rw'ibiribwa, mu guhuza inzego no kongera kubazwa inshingano mu ishyirwa mu bikorwa ry'izo ngamba.

Yagize ati: "Guhindura no kuvugurura sisitemu z'ibiribwa zishingiye ku musaruro, gutunganya ibyo kurya, kubisarura bigashyirwa isoko, imyitwarire yo mu ngo ndetse no kurengera ibidukikije ni ingenzi niba dushaka ko imiryango ibona ibiribwa bitandukanye kandi bihendutse."

Yavuze ko ibihugu byabigerageje neza nka Brazil, Peru na Tayilande byabikoze bihuriza hamwe ubuhinzi, ubuzima, uburezi, ubufasha bw'imibereho n'isuku n'isukura (WASH), byose bigakorera ku intego imwe.

# U Rwanda rwiyemeje kongera amashanyarazi akomoka ku ngufu zisubira

NYIRANEZA Judith

***U Rwanda rufite intego yo kugeza amashanyarazi mu ngo n'ahari ibikorwa bibyara inyungu ku gipimo cya 100% bitarenze 2029, aho muri yo 60% azaba akomoka ku ngufu zitangiza ibidukikije ziganjemo izikomoka ku mirasire y'izuba n'ingomero.***

Hari abaturage bavuga ko batangiye gukoresha izo ngufu zisubira, cyane cyane izikomoka ku mirasire y'izuba, kuko zibafasha kugabanya ikiguzi cy'umuriro usanzwe ukoreshwa ufatiye ku muyoboro mugari (Ongrid).

Mukantagara Francoise umwe mu baturage bo mu Karere ka Gasabo yagize ati: "Hari igihe wacomekaga nk'ibiryo byawe muri Firigo, umuriro wagenda ugasanga byapfuye ukabona ko ari igihombo, wajya gutera ipasi ukabura umuriro, duhitamo gufata umuriro ukomoka ku mirasire y'izuba. Kandi tuwutekaho tugatera ipasi n'ibindi."

Gahizi Xavier, Umuturage wo mu Karere ka Gasabo mu mujyi wa Kigali na we yagize ati: "Nk'igihe abana babaga bagiye gusubira mu masomo umuriro ukaba uragiye, ubwo kwiga bikaba biranze, ibintu twasize mu mafirigo tugasanga byapfuye, byatumye duhita tugura imirasire dutangira gukoresha umuriro wa Solar. Dukoresha amashanyarazi asanzwe twishyuraga amafaranga menshi nka 20 000 Frw

KOMEZA KU RUP.9





# U Rwanda rwiyemeje kongera amashanyarazi akomoka ku ngufu zisubira

IBIKURIKIRA URUP.8



Ingufu zisubira nkizikomoka ku mirasire y'izuba zizanafasha mu kurengera ibidukikije

ku kwezi, ariko uyu munsi ntayo nishyura."

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ingufu mu Rwanda (REG), gisobanura ko ingufu zisubira ari amashanyarazi akomoka ku ngomero no ku mirasire y'izuba kandi nayo akwirakwizwa mu bafatabuguzi bayo kimwe n'akomoka ku miyoboro migari.

Umuyobozi ushinzwe guhuza ibikorwa bya REG n'abafatanyabikorwa bayo Geoffrey Zawadi, avuga ko hari imishinga ikomeje gushyirwa mu bikorwa kugira ngo amashanyarazi agere kuri benshi ; kandi izi ngufu zisubira zizagira n'uruhare mu kubungabunga ibidukikije.

Zawadi yagize ati: "Uko twongera ingano y'amashanyarazi ninako tugabanya ikigero cy'amashanyarazi ashobora kwangiza ikirere. Ni yo mpamvu twabishyize mu ntego zacu ko nibura 60% y'amashanyarazi dufite azaba atagize icyo abangamiye ku kirere cyacu n'ikirere mpuzamahanga. Ubwo rero iyo dutanga imibare y'abaturage bafite amashanyarazi na wawundi ufite umurasire w'izuba na we tumubariramo. Ariko muri abangaba tubara muri NST2, kuvuga ngo amashanyarazi akomoka ku ngufu zisubira bo ntabwo tubabara, tubabara iyo tubara abaturage bagerwaho n'amashanyarazi mu gihugu."

Minisiteri y'Ibikorwa Remezo igaragaza ko imishinga izazamura ingufu zisubira, irimo NYABARONGO II HPP izatanga megawati 43.5, imishinga y'imirasire y'izuba izatanga megawati 300, Rukarara VI izatanga megawati 9.7, n'indi mishanga mito izatanga megawati 26.9 ku bufatanye n'abikorera.

Mu Rwanda, ingo zimaze kugezwaho umuriro w'amashanyarazi muri rusange zigeze ku kigero cya 85%.

Sosiyete y'u Rwanda ishinzwe ingufu (REG), yavuze ko hakomeje gushyirwa ingufu mu kongera amashanyarazi akomoka ku ngufu zisubira, kugira ngo u Rwanda rugere ku ntego rwihaye muri gahunda ya kabiri y'impinduramatwara mu iterambere ingana na 100% bitarenze 2029, ivuye kuri 51% yari igezeho muri NST1.

REG yemeza ko ibi bizatuma amashanyarazi agera kuri benshi, anateze imbere uburyo burengera ibidukikije.

# Twizeye ko Congo ifata aya masezerano nk'amahirwe-Minisitiri Nduhungirehe

NTAWITONDA Jean Claude

***"Mu by'ukuri, Leta Zunze Ubumwe za Amerika (USA) zashyize ku meza amasezerano afite icyerekezo, bityo twizeye ko impande bireba, by'umwihariko Kinshasa, bazumva ko ari amahirwe yo gufatirana asoza burundu iyi ntambara."***

Byakomojweho na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Amb. Nduhungirehe Olivier, mu kiganiro yagiranye na Reuters, aho yashimangiye ko u Rwanda rufitiye icyizere amasezerano y'amahoro n'ubukungu asinywa ku buhuza bwa Perezida wa Leta Zunze Ubumwe za Amerika Donald J. Trump.

Minisitiri Nduhugirehe yavuze ko hari intambwe imaze guterwa nubwo imirwano mu Burasirazuba bwa RDC ikomeje, agashimangira ko amahoro ari urugendo.

Ati: "Amahoro ni urugendo… Hari ubwoko bw'umutekano buhari. Nta yindi gahunda yo kwagura ubutaka bufatwa ihari."

Amasezerano y'Amahoro n'Ubukungu u Rwanda rusinyanye na RDC agizwe n'ingingo zitandukanye zirimo n'izirebana n'iterambere ry'ubukungu agamije kureshya ishoramari rya Amerika muri aka Karere gakungahaye kuri Zahabu, Gasegereti, Wolfram, Cobalt, Umuringa, Lithium ndetse n'andi mabuye y'agaciro.

Nduhungirehe yamaganye abashinja u Rwanda gufasha inyeshyamba za M23, ndetse ko ntaho ruhurira n'ibiganiro bya Qatar bihuza uwo mutwe na Guverinoma ya Congo, aho impande zombi na zo zasinyanye amasezerano y'amahoro mu kwezi k'Ugushyingo 2025.

Nduhungirehe kandi yagarutse ku buryo ingabo za RDC (FARDC) zikomeje kwifashisha indege z'intambara n'izitagira abapilote mu kumisha ibisasu mu basivili b'Abanyekongo.

Yakomoje kandi ku ngamba z'ubwirinzi u Rwanda rwashyizeho mu gukumira ko ibibazo bya RDC byakwambuka mipaka bigahungabanya umutekano w'Abanyarwanda, cyane ko RDC icumbikiye abagize umutwe w'iterabwoba wa FDLR washinzwe n'abasize bakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.



Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Amb. Nduhungirehe Olivier

Uwo mutwe uracyayobowe na bamwe mu bahoze ari abasirikare bakomeye muri Leta yateguye ikanashyira mu bikorwa iyo Jenoside yakorewe Abatutsi, bafite umugambi wo gutera u Rwanda bagasoza umugambi wabo wahagaritswe n'Ingabo za RPA Inkotanyi.

Nduhungirehe yakomeje agira ati: "Twizeye ko ibintu byose bigenda nk'uko byateguwe, ariko kugeza ubu nta gikorwa na kimwe kirafatirwa abagize FDLR, cyangwa ngo habe hari gahunda yaduha icyizere cy'uko RDC ari iyo kwizerwa."

Minisitiri w'Itumanaho n'Itangazamakuru wa RDC Patrick Muyaya, we yabwiye abanyamakuru i Washington ko RDC yatangiye ubukangurambaga buzakomereza ku kwambura intwaro abarwanyi ba FDLR.

# Karongi: WASAC Group igiye kuzuza uruganda ruzageza amazi ku basaga ibihumbi 130



Karongi hagiye kuzura uruganda ruzageza amazi ku basaga ibihumbi 130

KAYITARE Jean Paul

***Imirimo yo kubaka umuyoboro w'amazi urimo n'uruganda ruzageza amazi ku baturage barenga 130 000 bo mu Karere ka Karongi igeze kuri 91%, bakaba bishimira ibikorwa remezo bishya by'amazi bakomeje kwegerezwa.***

Ubuyobozi bw'Ikigo Gishinzwe Amazi, Isuku n'Isukura (WASAC Group) butangaza ko uwo mushinga 'Kivu Belt water supply sytem' uzageza amazi mu Mirenge ya Rubengera na Bwishyura hagamijwe kongera ingano y'amazi meza no gukemura ikibazo cy'isaranganya ryayo hamwe na hamwe.

Icyerekezo cy'Igihugu muri Gahundaya Kabiri y'Igihugu yo Kwihutisha Iterambere (NST2/2024-2029) ni uko kugeza amazi meza ku baturage bose bizaba biri ku kigero cya 100% bivuye kuri 80%.

Bamwe mu baturage bo mu Karere ka Karongi baganiriye na Imvaho Nshya, barishimira ko bagiye kubona amazi meza bityo bagatandukana burundu n'indwara ziterwa n'umwanda.

Mpagazehe Samuel utuye mu Murenge wa Rubengera, avuga ko bari bafite ikibazo cy'amazi aho bavomaga amazi atari meza mu kagezi gatemba.

Kugira ngo babone amazi bibasaba gukora urugendo rw'iminota 40 bajya gushaka amazi bita ko ari meza akaba ari yo banywa.



Uruganda rw'amazi ruzuzura rutwaye arenga miliyari 12.4 Frw

Avuga ko uruganda rw'amazi rurimo kubakwa nirumara kuzura bakabona amazi, bazaba bakize indwara ziterwa n'umwanda.

Ati: "Bizaba ari byiza cyane, tuzaba twishimye kuko nta muntu uzongera kurwara inzoka, tuzaba tubonye amazi meza."

Ni amazi avuga kandi ko azabafasha kuko batazongera kuvoma amazi mabi cyangwa ngo bajye kuvoma ku tugezi.

Ibi abihuriraho na Gaudence Mukakamanzi uvuga ko hari ubwo bamara iminsi ine nta mazi bafite muri za robine.

Iyo bashaka amazi meza bifashisha amavomo ya kera atajya akama akaba ari yo bajya kuvomaho.

Ababonye akazi mu kubaka uruganda bararuvuga imyato

Urubyiruko rufite akazi ku ruganda rw'amazi, ruvuga ko ruzahera ku bushobozi ruvana aho rukorera bityo rukazihangira imirimo.

Muhoza Emmanuel umaze imyaka 2 akorera ku ruganda, avuga ko umushinga w'uruganda umaze kumugeza kuri byinshi birimo kuba yaraguze amatungo magufi n'amaremare.

Agira ati: "Ikintu akazi nkora hano ku ruganda rw'amazi kamaze kungezaho, nashoboye kugura amabati, ihene n'inka ndi no mu itsinda."

Ahamya ko icyo ashatse cyose acyigurira atagombye gutegera amaboko ababyeyi be.



Umugezi wa Musogoro ahakurwa amazi atunganyirizwa mu ruganda rw'amazi WASAC Group irimo kubaka mu Karere ka Karongi

Marie José Nyirahabineza na we avuga ko amaze ukwezi mu kazi, agasanga kazamufasha kwiteza imbere.

Ati: "Mu nzozi zanjye mba numva nzatangiza ubucuruzi nkacuruza imiti y'amatungo, ni muri urwo rwego najemo gushaka igishoro."

Faustin Nsengiyumva, Umuyobozi w'Ishami rishinzwe imishinga muri WASAC Group, yabwiye Imvaho Nshya ko umushinga wa Kivu Belt Water Supply System, uzakemura ikibazo cy'amazi adahagije.

Yahamije ko umushinga w'amazi nk'uyu uba ugamije gukemura ikibazo cy'amazi ariko cyane cyane hakibandwa mu bice by'icyaro.

Nsengiyumva avuga ko abenshi bumva ko inganda z'amazi ziba mu Mujyi ariko uko abaturage bagenda batura ari benshi ngo ntabwo wavuga ko bazavoma amazi ku masoko gusa.

Ati: "Uruganda ruzaba rugamije gukemura ikibazo cy'amazi adahagije mu Mirenge ya Rubengera na Bwishyura."

Iki cyiciro cya mbere cyibanze cyane muri Rubengera na Bwishyura kuko ni ibice bitakwitwa ko ari icyaro, agahamya ko Rubengera ari ahantu hari ubucucike bw'abaturage batuye cyane.

Ati: "Si uko abaturage batuye ari benshi, ubucucike buriyongera, urumva ko n'amazi na serivisi z'amazi bakenera na zo ziriyongera."

Uruganda rufite ubushobozi bwo gutanga amazi angana na meterikibe ibihumbi 13 ku munsi. Uretse uru ruganda, hazubakwa imiyoboro y'ibilometero 97 n'amavomo rusange 86 bizafasha abaturage barenga 130 000 kubona amazi meza hari kandi n'ibigega birenga 10 bibika amazi.

Umushinga wo kubaka umuyoboro wiswe 'Kivu Belt water supply system', urimo n'uruganda, biteganyijwe ko uzarangirana n'Ukuboza uyu mwaka wa 2025, ukaba ugeze kuri 91%.

Ni Umushinga ushyirwa mu bikorwa ku nguzanyo ya Banki Nyafurika Itsura Amajyambere (AfDB) ingana n'amafaranga arenga miliyari 12.4, aho watanze akazi ku baturage barenga 5 000.





# Ngoma: WASAC Group yujuje uruganda rugeza amazi ku baturage barenga ibihumbi 340

KAYITARE Jean Paul

***Ubuyobozi bw'Ikigo Gishinzwe Amazi, Isuku n'Isukura (WASAC Group) butangaza ko mu Karere ka Ngoma huzuye uruganda rw'amazi, ruyageza ku baturage barenga ibihumbi 340.***

Uru ruganda rwubatse ku nkengero z'ikiyaga cya Mugesera mu murenge wa Zaza, rufite ubushobozi bwo gutunganya amazi angana na meterokibe ibihumbi 11 ku munsi. Rugeza amazi mu mirenge 9 yo mu Karere ka Ngoma irimo: Zaza, Karembo, Sake, Jarama, Rukumberi, Kibungo, Kazo, Mugesera na Remera.

Uru ruganda rwubatswe mu mushinga wo kubaka umuyoboro wiswe 'Sake Water Supply Sytem'. Uretse uru ruganda, hubatswe imiyoboro y'amazi ireshya na kilometero 149, ibigega bibika amazi n'amavomo rusange 17 mu rwego rwo kwegereza abaturage amazi.

Bamwe mu baganiriye na Imvaho Nshya, bishimira ko WASAC Group yabahaye amazi meza bakaba batakijya kuvoma amazi yo mu Kiyaga cya Mugesera.

Uwitwa Olive Musengimana utuye mu Murenge wa Zaza, agira ati: "Mu Mudugudu w'Igifureri mu Kagari ka Nyagasozi tumeze neza nta kibazo cy'amazi dufite."

Mbere tutarabona amazi, twajyaga kuvoma mu ruzi ukazamuka wananiwe ariko ubungubu amazi arahari nta kibazo."

Bavomaga kure kuko ngo bakoraga urugendo rw'isaha, mu gihe ubu bakora urw'iminota mike kuko ngo mu minota 30 baba batetse banariye kubera ko bafite amazi hafi.

Musengimana akomeza agira ati: "Ubwo twanywaga amazi mabi, tugakaraba amazi mabi, twagiraga ikibazo kuko bamwe barwazaga amavunja kubera kubura uko bakaraba, banywa ayo mazi mabi bakarwara inzoka ariko ibyo ntibikibaho kuko dusigaye tunywa amazi meza."



Amazi anyuzwa hano mbere y'uko yoherezwa mu baturage



Laboratwari ipima ubuziranenge bwamazi mbere yo koherezwa mu baturage



Ikiyaga cya Mugesera ahavanwa amazi agatunganywa n'uruganda nyuma akoherezwa mu baturage



Abaturage ntibakivoma amazi yo mu kiyaga cya Mugesera nyuma yo kugezwaho amazi meza na WASAC Group

Imvaho Nshya yasanze umugabo wavomaga kuri robine bavomaho amazi aturuka mu ruganda rwa Sake, ashimangira ko mbere batarabona amazi bari bafite ikibazo gikomeye cy'amazi.

Ati: "Mbere tutarabona aya mazi twavomaga amazi y'ikiyaga, yabaga asa nabi kenshi akadutera indwara."

Akomeza agira ati:" Aho tuboneye amazi meza nta bibazo by'uburwayi bw'inzoka tugihura na byo kuko amazi yacu ni meza, arahendutse kuko ijerekani tuyigura igiceri cya 20 ndetse ntajya abura."

Uwitwa Mukakamana Madeleine we ahamya ko abana bajyaga kuvoma ku kiyaga, batinda ababyeyi bakabakubita kandi hari kure, ariko ubu ngo bagera ku muhanda bakazana amazi meza mu gihe gito umwana akajya ku ishuri adakererewe.

Umuyobozi w'Akarere ka Ngoma wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu, Mapambano Nyiridandi Cyriaque, avuga ko uruganda rw'amazi rwubatswe na WASAC Group rwahinduye imibereho y'abaturage.

Ati: "Mu baturage 404 000 dufite mu karere ka Ngoma, nibura 320 000 bamaze kubona kuri ayo mazi y'uruganda."

Ubuyobozi bw'Akarere buvuga ko igice cya Kabiri cy'uyu mushinga kizaza kiziba icyuho cy'amazi gihari muri gahunda ya NST2 yuko buri munyarwanda wese azaba afite amazi meza nibura muri metero 500 mu cyaro.

Faustin Nsengiyumva, Umuyobozi w'Ishami rishinzwe imishinga muri WASAC Group, yabwiye Imvaho Nshya ko icyiciro cya Kabiri cy'umushinga kizibanda ku kwagura imiyoboro ku buryo amazi uruganda rutunganya agera ku baturage uko bikwiye, buri muturage wese ayabona."

Uyu muyobozi asaba abaturage gufata neza ibikorwaremezo by'amazi bagenda begerezwa.

Mapambano Nyiridandi Cyriaque, Umuyobozi wa Ngoma wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu, agaragaza ko abaturage bagerwaho n'amazi meza mu Karere ka Ngoma bageze kuri 87%.

Umushinga 'Construction of Sake water supply System' washyizwe mu bikorwa na WASAC Group ku nguzanyo ya Banki Nyafurika Itsura Amajyambere (AfDB) ingana na miliyari 16.3 Frw. Imirimo yatangiye muri Gashyantare 2023 irangira muri Gicurasi 2025.

# RwandAir yatangije ingendo muri Zanzibar



RwandAir yatangije ingendo zerekeza ku Kirwa cya Zanzibar muri Tanzania

KAMALIZA Agnes

***Sosiyete Nyarwanda y'Ubwikorezi bwo mu kirere, RwandAir yatangije ingendo zerekeza ku Kirwa cya Zanzibar muri Tanzania aho yahagurukanye abagenzi 109 barimo n'abakomereza i Mombasa muri Kenya, ikaba yasubukuyeyo ingendo yari isanzwe ihakorera.***

Ibinyujije ku rubuga rwayo rwa X ku wa 01 Ukuboza 2025, RwandAir yagaragaje ko ari intambwe ikomeye itewe mu gutemberera ibihugu bya Afurika.

Yagize iti: "Uyu ni umunsi ukomeye! Uyu munsi twishimiye gutangiza urugendo rwa mbere rwerekeza i Zanzibar no gusubukura izerekeza i Mombasa."

Yongeyeho ko ari urufunguzo n'amahirwe akomeye kandi y'ingirakamaro.

Zanzibar yabaye icyerekezo cya gatatu RwandAir yerekezamo muri Tanzania nyuma ya Dar es Salaam na Kilimanjaro.

Biteganyijwe ko mu 2026, RwandAir izaba itwara abagenzi miliyoni 1,2 bavuye kuri miliyoni imwe yariho mu 2023/24, mu gihe mu 2028/29 bazaba barageze kuri miliyoni 2,1.

Imibare yatangajwe n'Ikigo Mpuzamahanga gishinzwe ingendo zo mu Kirere, (IATA) muri Nzeri 2025, yagaragaje ko ubwikorezi bwo mu kirere bwafashije ubukerarugendo bw'u Rwanda kwinjiza miliyoni 124,9 z'amadolari ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika, (arenga miliyari 180 Frw) mu mwaka wa 2023/2024.

Raporo ya IATA yibanze ku gaciro k'ubwikorezi bwo mu kirere mu Rwanda yanagaragaje ko ubwikorezi bwatanze akazi ku barenga 29 000 mu Rwanda, mu gihe abarenga 2 900 bakora mu bwikorezi bwo mu kirere mu buryo butaziguye.

Imirimo bakora yinjije arenga miliyoni 8,9$, bingana na 0,1% by'Umusaruro Mbumbe w'Igihugu.

Uruhererekane rw'ubwikorezi bwo mu kirere rwinjirije u Rwanda miliyoni 160,2 z'amadolari (1,1% by'Umusaruro Mbumbe w'Igihugu), akaba ari amafaranga yaturutse mu bikorwa bitandukanye birimo ni byo abakozi bakoresha, imirimo ijyanye n'ubukerarugendo n'ibindi.

RwandAir isanzwe ikora ingendo zerekeza mu byerekezo bitandukanye hirya no hino ku Isi, haba mu gutwara abantu ndetse n'imizigo, ndetse ikorera mu byerekezo byinshi muri Afurika haba mu Burasirazuba, u Burengerazuba, mu bihugu by'u Burayi, Aziya na Amerika.




Minisitiri w'Ikoranabuhanga na Inovasiyo, Ingabire Paula yatangaje ko u Rwanda rwishimira aho rugeze mu kwishyurana hifashishijwe ikoranabuhanga

## Amafaranga yahererekanyijwe muri eKash yarenze miliyari 200 Frw

ZIGAMA Theoneste

***Minisitiri w'Ikoranabuhanga na Inovasiyo, Ingabire Paula, yatangaje ko u Rwanda rwishimira intambwe imaze kugerwaho mu kwishyurana hifashishijwe ikoranabuhanga, aho kuva uru rwego rwatangizwa hamaze guhererekanywa amafaranga angana na miliyari 200 na miliyoni 300 Frw.***

Ibi yabivuze ku wa Gatanu, tariki ya 5 Ukuboza 2025, mu muhango wo gutangiza ku mugaragaro ikoranabuhanga rya eKash, ryateguwe n'Ikigo cya Rswitch kigenzura uburyo bwo guhererekanya amafaranga hakoreshejwe ikoranabuhanga mu Rwanda, mu rwego rwo koroherez abaturage n'ibigo by'imari kwishyurana no koherezanya amafaranga mu buryo bw'ikoranabuhanga budasaba kubikuza.

Uyu muhango witabiriwe n'inzego zitandukanye zifite aho zihurira n'imari n'ikoranabuhanga, zirimo abayobozi ba banki, ibigo by'imari, za SACCO n'abahagarariye imiyoboro y'itumanaho.

Minisitiri Ingabire yavuze ko urugendo rwo kwimakaza ubukungu budakoresha amafaranga mu ntoki rwatangiye rufite ibibazo, hari n'ibitekerezo by'abatarwizera, ariko rugenda rutanga umusaruro ufatika.

Yagize ati: "Dutangira gutegura uburyo bwo kwishyurana hakoreshejwe ikoranabuhanga twumvaga bidashoboka. Kwishyurana byababaga biri mu matsinda yihariye, sisitemu zidakorana. Twabonye ko kugira ngo tugere ku cyerekezo 2050 hakenewe ibikorwa remezo by'ikoranabuhanga biramba kandi bidahutaza uwo ari we wese, ni ko eKash yavutse."

Yavuze ko urwo rugendo rumaze gutera imbere kandi abantu benshi bamaze kurusobanukirwa.

Ati: "Uyu munsi ibigo 22 byamaze kwiyandikisha muri eKash, birimo banki, ibigo by'imari, ibindi bikoresha ikoranabuhanga mu bukungu, n'imirongo y'itumanaho. Ibigo 21 byatangiye gukora, aho habayeho guhererekanya amafaranga inshuro miliyoni 47, afite agaciro ka miliyari 200 na miliyoni 300 z'amafaranga y'u Rwanda."

Umuyobozi Mukuru wa RSwitch, Gasabira Blaise yabwiye itangazamakuru ko mu gutangiza eKash hari hagamijwe intego zo gufasha abantu guhererekanya amafaranga mu buryo buhendutse, butekanye kandi bwihuse.

Ati: "Twashyizeho urwego rwa mbere rwo kohereza amafaranga tutitaye ku bwoko bw'ikigo akoresha. Hari umuntu ashobora kuba yagura ku iduka iryo ari ryo ryose tutitaye kuri banki cyangwa se

KOMEZA KU RUP.13





IBIKURIKIRA URUP.12

# Amafaranga yahererekanyijwe muri eKash yarenze miliyari 200 Frw

ikigo cy'imari, izo ni zo serivisi ebyiri zihari."

Yavuze ko hari izindi serivisi zindi zinyuzwa muri eKash mu kwishyura serivisi zose za Leta na zo zitangiye gushyirwamo imbaraga.

Ati: "Ibigo bya Irembo na byo bizajya bikorana na eKash kugira ngo bitewe n'ikigo icyo ari cyo cyose waba urimo ushyireho konti yawe cyangwa iy'umurongo wa telefoni ukaba washobora kwishyura".

Gasabira yavuze ko bitarenze muri Mutarama 2026 hazaba hashyizweho amafaranga y'ikiguzi cya serivisi (chages) rusange kandi gihendutse mu koroheza cyangwa kwakira amafaranga muri rusange ku buryo ibigo byose ari cyo bizajya bikoresha.

Redemptus Bisangwa, umwe mu bantu bakoresha eKash yavuze ko mbere byamugoraga mu kohereza no kohererezwa amafaranga.

Ati: "Mbere washakaga kohereza amafaranga nko kuri Airtel ukoresheje Mobile Money ukabanza kujya ku mu ajenti akagufasha kohereza, ariko ubu aho eKash yaje ifite ibyiza rwose biroroshye birihuta."

Abahagarariye ibigo by'imari n'amabanki bashima uburyo bwa eKash ko bwatumye ababagana bashaka serivisi z'imari biyongera kuko babonye zoroshye kandi zihuse.

Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cyorohereza abantu kubona serivisi z'Imari (Access to Finance Rwanda/AFR), Iyacu Jean Bosco yagarutse ku mateka y'uko byari bigoranye mu gihe eKash itari yatangiye gukoreshwa muri serivisi z'imari.

Ati: "Urugendo rwa eKash ntabwo rwatangiye mu 2022, ahubwo ni mu 2014. Icyo gihe 44% by'abari batunze telefoni ni bo bakoreshaga MoMo, bigurira ama inite yo guhamagaraga gusa."

Yakomeje avuga mu 2016 mu Rwanda hatangiye gukoresha ikoranabuhanga muri serivisi z'imari, bigeze mu 2018 hashyirwaho imirongo migari mu ikoranabuha mu by'imari[…].

Iyacu yavuze ko ikoranabuhanga mu kwishyurana ritarakoreshwa mu Rwanda mu 2020, icyorezo COVID -19 cyaradutse maze bibangamira abatari bake, ari na bwo uburyo bwa eKash byagaragaye ko bukenewe.

Ati: "Icyo gihe ndibuka ko ibigo by'imari byasabaga inzego zirimo polisi na Banki Nkuru y'u Rwanda kureka abaturage bakajya kubikura amafaranga nibura inshuro imwe, kugira ngo babashe kubona ibibatunga"

RStwich itangaza ko mu gukoresha serivisi za eKash imaze kwandika ibigo 22, aho ababikoresha bishyurana bidasabye kubikura amafaranga.

Umubare ntarengwa wo kohereza cyangwa koherezwa muri eKash kugeza ubu ni amafaranga y'u Rwanda ibihumbi 10 ku munsi, aho kohereza inshuro imwe, hagenda atarenga ibihumbi 2.

Ni uburyo buteganywa ko ubutumwa bumenyesha, igikorwa cyabaye muri eKash, butagomba kurenza amasegonda 10.

Imibare ya MINICT igaragaza ko kugeza ubu Abanyarwanda bagera kuri 82% bafite konti mu bigo by'imari, banki cyangwa ku mirongo y'itumanaho, aho abafunguye muri ekash bafite nkoni miliyoni 21, kuko umuntu umwe aba yemerewe gutunga nyinshi mu bigo bitandukanye ashaka.

# Hagaragajwe igitiza umurindi ihohotera mu miryango yo mu Mujyi wa Kigali

KAMALIZA Agnes

***Guhishira, kwimana amakuru, ubuharike, ubusinzi, kutagira umwanya w'umuryango no kutita ku nshingano, ni bimwe mu byagaragajwe n'Abayobozi b'Imidugudu mu Mujyi wa Kigali nk'ibitiza umurindi ihohotera kandi ibyo biganisha kuri gatanya n'isenyuka ry'imiryango.***

Ni ibyagarutsweho ku wa 03 Ukuboza 2025, mu biganiro Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango/MIGEPROF yagiranye n'abo bayobozi, byibanze ku kwimakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye, kurwanya ihohotera rishingiye ku gitsina no kubaka imiyoborere ishingiye ku kubaha uburenganzira.

Raporo y'Urwego rw'Ubucamanza yerekanye ko mu mwaka wa 2024/25 haburanishijwe imanza 2 674 z'abashakanye basaba gatanya, zivuye ku manza 2 833 mu mwaka wari wabanje.

Abo bayobozi bagaragaje ko hari bamwe mu bo bayobora bakorerwa ihohotera bakinumira banga kwiteza rubanda, abandi bagahishirana cyangwa bamwe mu bayobozi ntibatange amakuru bitewe n'umubano wihariye bafitanye n'ababahohotera.



Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango, Uwimana Cosolee

Nkurunziza Theogene, uyobora Umudugudu wa Gasagara, mu Murenge wa Gikomero mu Karere ka Gasabo, yagize ati: "Ubusinzi, kutumvikana ku mitungo ni bimwe mu byongera amakimbirane aganisha kuri gatanya."

Mukabaranga Marcelline, uyobora Umudugudu wa Buhoro mu Murenge wa Nyakabanda, Akarere ka Nyarugenge, na we ati: "Akenshi abagore bahisha amakuru y'ibibera mu muryango. Ugasanga arahohoterwa buri gihe ariko agaceceka kubera gutinya ko abantu bamwota cyangwa bakamuseka."

Bagaragaje kandi ko zimwe mu ngo bigaragara ko zishoboye na zo usanga zirimo ihohotera ryaba irishengura umutima, irishingiye ku mitungo, iribabaza umubiri ariko bakabihisha ndetse bikazamenyekana nta garuriro.

Abo bayobozi bavuga ko uruhare rwabo ari ingenzi mu kuvuguta umuti w'ibibazo byugarije umuryango, kuko ari bo babana na wo bya hafi.

Bemeza ko ibyo bibazo bizakemuka binyuze mu kwegera imiryango bakamenya uko ibayeho, guhurira mu kagoroba k'umuryango, ibiganiro no kumenyesha inzego zo hejuru mu gihe ibibazo byananiranye hakaba hakumirwa icyaha kitaraba.

Ingabire Donatha, Uyobora Umudugudu wa Gasagara, mu Murenge wa Rusororo mu Karere ka Gasabo, yagize ati: "Dushyize imbaraga mu kumenya amakuru y'ingo tuyoboye kandi Umugoroba w'Umuryango ukitabirwa ibyo bibazo bikaganirwaho hari ibibazo bimwe byakemuka."

Banenze bamwe muri bagenzi babo bahishira abakora ihohotera bagaragaza ko imyitwarire nk'iyo idakwiye kuko ari bo nkingi ya mwamba mu gukemura ibibazo byugarije umuryango.

Biyemeje ko bagiye guhuza imbaraga n'abandi bayobozi b'Inzego z'ibanze barimo Inshuti z'Umuryango, Abajyanama b'Ubuzima n'abandi bakora muri za Komite Nyobozi ariko banasaba abaturage gutangira amakuru ku gihe mu rwego rwo gutabara Umuryango nyarwanda.

Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango (MIGEPROF) yanenze bamwe mu bayobozi bafite imyitwarire nk'iyo ivuga ko na bo ari abafatanyacyaha, isaba abakora mu Nzego z'ibanze kugira uruhare mu kubaka umuryango uzira ihohotera.

Minisitiri wa MIGEPROF, Uwimana Consolée, yasabye abo bayobozi kwita ku nshingano bagakusanya imibare ijyanye n'imibereho rusange y'abaturage ndetse bakayashyikiriza inzego zibakuriye.

Yagaragaje ko abayobozi b'Inzego z'ibanze ari bo babana n'abaturage bya hafi ari na yo mpamvu bakwiye kuba bazi ibibera mu ngo byaba ari ibibazo bigashakirwa umuti mu maguru mashya.

Yagize ati: "Abayobozi b'Umudugudu ni aba mbere begereye umuturage kuko ni bo bamenya ngo yaraye ate, yiriwe ate… ni bo bakwiye no kuba bamenya ibibazo byabo umunsi ku wundi. Turabifuzaho kubanza kumva icyo ihohotera ari cyo, ariko noneho bakagira n'uruhare mu kubigaragaza kuko iyo habayeho guceceka atabyumva ashobora no kubihishira atabizi."

Ihohotera rikorerwa mu ngo ni kimwe mu bisenya umuryango ndetse imibare ya 2023/24 igaragaza ko mu manza mbonezamubano zakiriwe n'inkiko zingana na 25 481, iziza ku isonga ari izirebana no gutandukana burundu kw'abashakanye kuko zigize dosiye 2 833.

Mu mwaka wa 2019, imiryango 8.941 yemerewe n'inkiko gutandukana mu 2020, inkiko zakiriye ibirego 3 213, ndetse Raporo y'Urwego rw'Ubucamanza ya 2021/22, yagaragaje ko ikibazo cyari cyiganje kuruta ibindi mu manza mbonezamubano ari ugutandukana burundu kw'abashakanye aho muri uwo mwaka abatandukanye ari 3 322.

# Impamvu zigitiza umurindi icyaha cyo gusambanya abana mu Rwanda

KAMALIZA Agnes

***Zimwe mu mpamvu zigaragazwa n'ubuyobozi mu nzego zitandukanye zikomeza gutuma abana bakorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina harimo; kuba bahishira ababasambanya, guceceka ntibatange ibirego, gushukwa n'ababasambije babeshyeshya ibyiza bazabakorera nibatabivuga, ubwoba n'ibindi.***

Ibyo bishimangirwa n'imibare itangwa na Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango (MIGEPROF) igaragaza ko mu bana 144 bamaze kumenyekana ko basambanyijwe mu Mujyi wa Kigali, 121 bahishiriye ababasambanyije.

Bamwe mu Bakuru b'Imidugudu mu Mujyi wa Kigali bahamya mu makuru bamenya y'abana basambanywa abenshi muri bo bahakana ko basambanywa ndetse nabo bigaragaye bahisha amakuru y'abahohoteraga.

Batanga ubuhamya bwa bamwe mu bana basambanyijwe ariko bakabihakana ndetse no mu gihe bimenyekanye bagahishira ababasambanyije, ari na byo bituma batabona ubutabera bigatiza umurindi ababasambanya.



Abakuru b'Imidugudu yo mu Mujyi wa Kigali biyemeje guhangana n'ibibazo by'ihohotera bisenya ingo

Terimbere Emmanuel, Uyobora Umudugudu wa Munini, Umurenge wa Gikomero, avuga ko hari umwana w'imyaka 15 wigeze guhohoterwa ndetse aterwa inda, nyuma biza gukekwa ariko babimubaza agatsemba.

Uwo mwana yakomeje kubihakana ariko inda iza gukura iragaragara, bamubaza uwayimuteye umwana agaceceka ndetse biba ngombwa ko bitabaza ubuyobozi bwo hejuru ngo bubafashe kuganiriza uwo mwana ahabwe ubutabera ariko bikanga bikaba iby'ubusa.

Yagize ati: "Twaramubazaga akaduhakanira akatubwira ko nta wamuteye inda. Nyuma inda yenda kuba imvutsi twongeye kumubaza aratubwira ati 'uwanteye inda ni abagabo bose!"

Akomeza avuga ko nyuma yo kubabwira gutyo bashobewe bagahitamo kumwihorera ubundi bagategereza akabyara ubuzima bugakomeza.

Mukabaranga Marcelin, uyobora Umudugudu wa Buhoro mu Murenge wa Nyakabanda, na we avuga ko mu umwana w'umukobwa w'imyaka 14, yasambanywaga n'umusore muri karitsiye ariko akabihisha ndetse n'aho bimenyekaniye yagerageje kubihakana ariko biba iby'ubusa uwamusambanyaga aza gufatwa.

Avuga ko uwo mwana yabanaga na mukuru we ariko mu masaha y'ijoro akajya kuraza umukecuru w'aho muri karitsiye ariko ijoro rimwe uwo mwana aza gutinda kumugeraho bituma bahangayika batangira kumushakisha igicuku cyose, aho bamubonye bamusangana n'umusore ariko ahita atoroka ariruka abarusha intambwe.

Nyuma baje kujya gusuzumisha umwana basanga yasambanyijwe ariko bamubaza uwamusambanyije akanga kumuvuga bituma ubuyobozi bumushakisha, ndetse aza gufatwa arabihanirwa.

Ati: "Umwana baramubazaga bati ninde mwari kumwe? Umwana akanga kumuvuga nyuma yaje kujyanwa gusuzumishwa kuri Isange One Stop Center basanga yasambanyijwe baza no gushakisha umusore kuko yari muri karitsiye aza gufatwa arafungwa."

Imibare y'Urwego rw'Igihugu rw'Ubugenzacyaha (RIB), igaragaza ko mu mwaka wa 2023/2024, hakurikiranywe amadosiye 4.567 arebana n'icyaha cyo gusambanya abana.

Muri ayo madosiye yashyikirijwe Ubushinjacyaha, harimo abasambanyijwe 4 849, abakobwa ni 4 646 n'abahungu 203, mu gihe abakekwaho icyo cyaha ari 4 901 barimo 4 767 b'abagabo n'abagore 134.

MIGEPROF igaragaza ko imibare y'abasambanya abana igenda yiyongera bitewe ni uko ababyeyi batezutse ku kwita ku nshingano, kuba ababasambanya babashukisha ibyo badafite n'ibindi.

Minisitiri wa MIGEPROF, Uwimana Consolée, asaba ababyeyi kongera kwita ku bana bakamenya ibibazo bahura nabyo bya buri munsi ndetse bakaba inshuti kugira ngo umwana ajye yisanzura amuganirize ibyo abona byose.

Yagize ati: "Dufite ikintu cyo gutezuka ku nshingano nk'ababyeyi tukirirwa muri shuguli ariko ntitumenye ibyo abana bacu bahuye na byo. Ndakangurira ababyeyi kurushaho kwegera abana babo, bagakurikirana bakamenya ibyo abana biriwemo, ingorane bagize kugira ngo yisanzure."

Asaba ababyeyi kongera kwita ku bana babo cyane muri ibi bihe by'ibiruhuko by'iminsi mikuru cyane ko byagaragaye ko abaterwa inda benshi biba mu mpera z'umwaka.

Ati: "Ikintu cyo kwishimira Noheli, Ubunani ni ngombwa ngo dukurikirane ngo abana bacu bari muri Noheli na bande, bari mu Bunani na bande? Cyane cyane ko byagaragaye ko nubwo imibare yiyongera ariko hagati ya Nzeri, Ukwakira; imibare y'abana babyara iba myinshi cyane. Usubiye inyuma ugasanga ba bana batwise mu Ukuboza na Mutarama."

Imibare ya MIGEPROF yo mu 2024, yagaragaje ko abangavu 22 454 ari bo batewe inda, mu mwaka wa 2023 bari 22 055, mu mwaka wa 2022, na ho 24 472 mu 2021 bari 23 111, mu gihe mu mwaka wa 2020 bari 19 701.

NYIRANEZA Judith

# Abana babyarwa n'abafite VIH/ SIDA, 99% bavuka nta bwandu

***Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubuzima RBC, cyatangaje ko abana bangana na 99% babyarwa n'ababyeyi bafite virusi itera SIDA, bacuka batarandujwe n'ababyeyi.***

Byagarutsweho ku wa Mbere tariki ya 1 Ukuboza, ubwo hizihizwaga Umunsi Mpuzamahanga wo Kurwanya virusi itera SIDA, wabereye ku Kigo Nderabuzima cya Kinyinya, mu Karere ka Gasabo, mu Mujyi wa Kigali.

Kwizihiza uwo munsi ni umwanya wo kurebera hamwe ibyo u Rwanda rumaze kugeraho mu guhangana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA ndetse na serivisi zo kubona imiti ku banduye.

Insanganyamatsiko y'uyu mwaka igira iti 'Kwishakamo ibisubizo mu guhangana na Virusi itera SIDA'.

Dr Ikuzo Basile ushinzwe ishami ryo kurwanya SIDA muri RBC, yagize ati: "Ubuzima bw'umubyeyi utwite ufite virusi itera SIDA, usanga abana bagera kuri 99% barangiza igihe cyo gucuka, ni ukuvuga imyaka 2 nta virusi itera SIDA bafite."

Yavuze ko kuri iyi nshuro u Rwanda rwifatanyije n'Isi kwizihiza Umunnsi Mpuzamahanga wo Kurwanya SIDA, u Rwanda ku bijyanye n'iyo virusi, imibare yagaragaje ko

KOMEZA KU RUP.15








U Rwanda rwifatanyije nlsi kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga wo kurwanya SIDA

# Abana babyarwa n'abafite VIH/ SIDA, 99% bavuka nta bwandu

IBIKURIKIRA URUP.14

abafite virusi itera SIDA 234 000, kandi iyo urebye usanga mu mwaka abantu 2500 ari bo bandura kandi n'ubundi 2500 ari bo bahitanwa na virusi itera Sida.

Dr Ikuzo kandi yanavuze ko hatewe intambwe ishimishije mu kurwanya virusi itera SIDA, bityo u Rwanda rwesa umuhigo rwari rwarihaye, ruranawurenza, aho abantu bafite virusi itera SIDA bazi uko bahagaze bagombaga kuba bageze kuri 95% muri bo 95% bafata imiti neza ndetse muri bo 95% baragabanyije virusi itera SIDA mu mubiri.

Ati: "Abazi uko bahagaze ni 96%, muri bo 98% bari ku miti, ku bari ku miti 98% babasha kugabanya ubukana bwa virusi itera SIDA ku kigero gishimishije."

Muneza Sylvie uhagarariye Urugaga Nyarwanda rw'abafite Virusi itera SIDA, RRP+ yavuze ko kuba Leta ibaha imiti byakuye ahabi abafite virusi itera SIDA.

Ati: "Twavuye kure, namenye ko mfite virusi itera SIDA mu 1998, nta miti, hari akato, twari twaraheze mu buriri umusatsi waracuramye... None kugeza ubu Leta iduha imiti, kuba twarafashe imiti ubu tumeze nza, twavuye habi aho twagombaga gupfa."

Yongeyeho kandi ko kuba umuntu afite virusi itera SIDA bidahagarika ubuzima.

Ati: "Kumva ko ufite virusi itera SIDA ugomba kumva ko ubuzima budahagaze. Icya mbere ni ukwipimisha umuntu akamenya uko ahagaze, yasanga atarandüye akamenya uko yitwara ku buryo atazayandura, yasanga afite virusi itera SIDA akamenya ko ubuzima bukomeza nafata neza imiti ubuzima buzakomeza."

# RIB yagaruje telefoni z'agaciro k'arenga miliyoni 90 Frw

KAYITARE Jean Paul

***Kuva mu kwezi kwa Gicurasi 2025 kugeza mu Ugushyingo, Urwego rw'Ubugenzacyaha (RIB) rwagaruje telefoni 431 zifite agaciro k'arenga miliyoni 90 Frw zibiwe mu Mujyi wa Kigali zisubizwa ba nyirazo.***

Umuvugizi wa RIB, Dr Thierry B. Murangira, yavuze ko yashoboye gufata telefoni zibwe zisubizwa ba nyirazo.

Abantu 23 bafashwe mu bihe bitandukanye mu bikorwa RIB yakoze, hagamijwe kugaruza telefoni zibwe. Ni mu gihe abacuruzi 12 bafatanywe telefoni bemera kuzitanga bituma ikurikiranacyaha rihagarara.

Dr. Murangira yabigarutseho ku wa Mbere tariki ya 01 Ukuboza, mu gikorwa cyo gusubiza telefoni abazibwe.

Yagize ati: "Telefoni 127 zibiwe muri Bisi, 80 zibwa zishikujwe, 63 zibwe mu buryo bw'uburiganya harimo no gushukwa, 59 zibirwa ahateranira abantu benshi; mu bukwe, mu nsengero, ahabaye ibyago mu gihe 56 zibiwe mu rugo."

Urwego rw'Ubugenzacyaha rusaba Abaturarwanda kugerageza kugabanya ibyago byo kwibwa. Urwego rw'Ubugenzacyaha ruvuga telefoni nyinshi zibwa cyane mu Mujyi wa Kigali by'umwihariko Kimisagara, Kiruhura, Nyakabanda, Nyabugogo, i Ndera ahazwi nko mu Gasima, Nyabisindu, Kiriza, i Kanombe ahazwi nko mu Kajagari.

Abaturage basabwa kubika telefoni mu mufuka kuko ngo telefoni ari agaciro kabarwa mu mafaranga.

Umuvugizi w'Urwego rw'Ubugenzacyaha, Dr. Murangira, agaragaza ko uru rwego rufite ubushobozi n'ubushake bwo gukurikirana abanyabyaha.

Icyakoze avuga ko abagura telefoni zibwe bibateza ibihombo kandi ko ari bo batuma abiba bashishikarira ibyo bikorwa by'ubujura.

Bamwe mu bari baribwe telefoni bavuga ko nta cyizere bari bagifite cyo kuzabona telefoni cyane ko bari baramaze kugura izindi.

Aphrodis Niyonkuru avuga ko yarii yarabuze telefoni ariko ngo arishimye kuko yongeye kubona telefoni ye nyuma y'amezi 6 ayibwe.

Asobanura ko yibwe telefoni mu kwezi kwa Gicurasi, ayibuze burundu ahitamo kugura indi. Yagize at i: "Njyewe ntabwo narinzi yuko nshobora kuyibona, narinzi ko ibintu byarangiye kuko naguze n'indi."

Pascal Niyogisubizo avuga ko telefoni bayimwibiye mu rugo mu kwezi kwa Kamena 2025. Agira ati: "Ntabwo bayinkuye mu mufuka cyangwa ngo bayinkure mu ntoki ahubwo bayitwariye mu rugo nijoro turyamye, tubyutse dusanga umuryango urafunguye batwibye."

Ashimira Urwego rw'Ubugenzacyaha uburyo ikurikirana ibintu by'abaturarwanda bibwa kandi ikabigaruza. Akomeza agira ati: "Njye nta n'iyizere narimfite ko nzayibona ariko ni iby'agaciro ko yabonetse."

Thérèse Mukanyandwi wibiwe telefoni Kimisagara, avuga ko yayibwe ubwo yari atumye umwana ku muhanda nimugoroba, hanyuma ahura n'umuntu arayimushikuza.

Ati: "Hari ku mugoroba ntuma umwana kujya guhaha, nyimuhaye ngo ajye gukuraho amafaranga ahura n'abantu barayimwiba. Nta cyizere cyo kuyibona byari byararangiye ariko nyine numva barampamagaye ngo yarabonetse."

Urwego rw'Ubugenzacyaha ruheruka kugaruza telefoni zimwe no kuzisubiza abazibwe mu kwezi kwa Gicurasi, aho yashoboye kugaruza telefoni 332 zifite agaciro ka miliyoni 72.8 Frw.




Polisi y'u Rwanda ku bufatanye n'Urwego rw'Ubugenzacyaha bagiranye ikiganiro n'abanyamakuru

# Rubavu: Afungiwe amagambo y'ingengabitekerezo ya Jenoside



Twayigize Martin afungiye kuri Sitasiyo ya RIB ya Gisenyi, akurikiranyweho amagambo yavuze arimo ingengabitekerezo ya Jenoside

BAHUWIYONGERA Sylvestre

***Twayigize Martin w'imyaka 35 afungiye kuri Sitasiyo y'Urwego rw'Ubugenzacyaha ya Gisenyi mu Karere ka Rubavu, akurikiranyweho amagambo arimo ingengabitekerezo ya Jenoside yabwiye irondo ry'umwuga ubwo ryamubwiraga kujya mu muganda akavuga ko atajya mu muganda w'Abatutsi ari Umuhutu.***

Rwagasore Faustin, Umukuru w'Umudugudu wa Gasutamo, Akagari ka Mbugangari, Umurenge wa Gisenyi byabereyemo, yabwiye Imvaho Nshya ko Twayigize yatawe muri yombi nyuma yo kuvuga ayo magambo ku Munsi w'Umuganda usoza ukwezi ku wa 29 Ugushyingo 2025.

Rwagasore Faustin yagize ati: "Hari mu ma saa mbiri n'igice z'igitondo ku wa Gatandatu tariki ya 29 Ukwakira 2025, ubwo abandi baturage bajyaga mu Muganda. Twayigize Martin yari muri butiki anywa inzoga yitwa'Icyuma'. Irondo ry'umwuga ryasabye nyiri butiki gufunga, rinabwira uwo mugabo kureka inzoga akajya mu Muganda. Aho kumva ibyo asabwe yahise avuga ngo jye ndi Umuhutu sinajya mu Muganda w'Abatutsi, Abatutsi ni bo bagomba kuwukora."

Irondo ry'Umwuga n'abandi baturage bajyaga mu Muganda bumvise ayo magambo barikanga, baramuhamgara aza kwa Mudugudu ahageze abisubiramo nk'uko yari yabivuze mbere anacuga ko nta bwoba afite bwo kubivuga.

Mudugudu Rwagasore Faustin yahise ahamagara Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari ka Mbugangari Gikundiro Aimable, arabimutekerereza, na we amusaba kumuzana ahaberaga Umuganda ariko umugabo avuga ko atawukora.

Umuganda urangiye habaye inama n'abaturage, Gitifu Gikundiro Aimable abasobanurira ibyabaye abaturage bagaragaza ko nyuma y'imyaka 31 Jenoside yakorewe Abatutsi ibaye hatagombye kuba hari abantu bafite ibitekerezo nk'ibi.

Ubuyobozi bwahise buhamagara RIB bunabimenyesha inzego zibukuriye.

Mudugudu Rwagasore Faustin, avuga ko uyu mugabo ukora akazi k'ubukanishi muri Mbugangari, akaba akomoka mu Murenge wa Murunda, Akarere ka Rutsiro, aho bivugwa ko amaze amezi umunane ageze i Rubavu ataye umugore we ku ivuko.

Akomeza agira ati: "Si ubwa mbere kuko no mu gihe cyo kwibuka cy'uyu mwaka, n'ubundi yari muri butiki anywa inzoga, yumva radiyo harimo indirimbo zo kwibuka, haje umukecuru utuye mu Mudugudu wa Majyambere, Akagari ka Mbugangari, umukecuru amusuhuje undi ngo aramusubiza ati: 'Ndi kumva indirimbo zivuga uko Abatutsi bishwe muri Jenoside. Ahubwo ababatemye batemye bake."

Uwo mukecuru ngo yamubwiye ko ayo magombo avuze hari aho ari buyasubiriremo, umugabo amusaba imbabazi, amubwira ko ari ubusinzi bubimuteye, umukecuru aramwihorera ntiyanagira undi abibwira.

Uhagarariye Ibuka mu Karere ka Rubavu Mbarushimana Gérard, yabwiye Imvaho Nshya ko bibabaje cyane kubona umuntu wari ufite imyaka ine gusa muri Jenoside agaragarwaho n'amagambo nk'ayo inshuro irenze imwe, ko bishoboka ko ari ingengabitekerezo yo ku ishyiga.

Ati: "Ndimo gukorana n'uhagarariye Ibuka mu Karere ka Rutsiro ngo tumenye neza iby'uyu mugabo, niba ntabo mu muryango we bijanditse muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 cyangwa bari muri FDLR bamushyiramo ibyo bitekerezo bibi, cyangwa niba atabikura ku mbuga nkoranyambaga."

Yasabye ababyeyi kwirinda kwigisha abana babo urwango n'ingengebitekerezo ya Jenoside, anasaba abarezi mu mashuri kurushaho kwigisha ibibi bya Jenoside n'ingengabitekerezo yayo, bakanabigisha gukoresha neza imbuga nkoranyambaga, bamaganira kure abahakana bakanapfobya Jenoside yakorewe Abatutsi n'abagifite ibitekerezo bicamo Abanyarwanda ibice.

Yasabye ubuyobozi, abacuruza utubari n'abandi baturage kutajenjekera imvugo nk'izi zihembera urwango mu baturage,uwo bazumviseho amakuru agahita atangwa kugira ngo ubu burozi bubi butongera kubinjiramo bukozongera gukora ibara, ufite ibitekerezo nk'ibyo bisubiza abanyarwanda habi agakanirwa urumukwiye.

Umuyobozi wungirije w'Akarere ka Rubavu ushinzwe imibereho myiza y'abaturage Ishimwe Pacifique, yasabye abaturage kwirinda amagambo nk'ayo y'urwango, ashaka gusubiza inyuma Abanyarwanda.

HITIMANA Servand

# Nyagatare: Abasaga 120 baguriwe imbabura za rondereza barazivuga imyato

***Abaturage barenga 120 bahawe imbabura za rondereza mu Mudugudu wa Rwabiharamba Akagari ka Ndama, mu Murenge wa Karangazi, Akarere ka Nyagatare, baravuga imyato Imbabura bahawe za rondereza zabafashije kugabanya ibicanwa bakoresha bigabanya imvune zo guhiga amakara n'inkwi.***

Imbabura imwe mu zo bahawe ifite agaciro k'amafaranga y'u Rwanda 40 000, bakaba bavuga ko batarazibona bagorwaga no kubona ibicanwa gutegura amafunguro bikababera ihurizo mu yandi.

Muteteri Jane yagize ati: "Inaha ibicanwa bihenda kurusha ibiribwa. Twahuraga n'ibibazo bikomeye byo kutagira aho dukura inkwi ndetse n'amakara. Washoboraga kubona udukwi duke ukaba wahitamo guteka ibiryo utifuzaga, ahubwo ukareba ibidatinda ku ziko. Turashima ubuyobozi bwaduhaye izi mbabura kuko zikoresha ibicanwa bike cyane kandi mu buryo butaduhenda."

Mukwiye Donatien we avuga ko kutagira ibicanwa bigira ingaruka nyinshi ku muryango.

Ati: "Guhangayikishwa n'ibicanwa byatumaga hari igihe ugabanya abana imirimo ariko abajya guhiga inkwi ugasanga bazibuze, bikanagira ingaruka ku myigire kuko akenshi byatumaga hari abakererwa ishuri. Ababyeyi na bo ntibaruhukaga kubera ko bavaga mu mirimo bakiruka imisozi basakuma ibyo gucana bidapfa kuboneka inaha."

Yongeyeho ati: "Ubundi twacanaga imyotsi ikaba myinshi mu nzu ariko ubu byarakemutse turashima ubuyobozi bwaduhaye izi mbabura."

Mukeshimana Dalia na we yagize ati: "Iki gikorwa ni icy'agaciro kuri twe. Twatujwe mu Mudugudu mwiza ariko twari tukigowe n'ibicanwa kandi ubona ko ibijyanye n'inkwi bigenda bikendera. Barakoze rero kuduha imbabura twaherewe ubuntu aho tuzajya ubu ducana buriketi kandi ubona ko bihendutse. Ntawugikorora kubera imyotsi no kwatsa mu ziko."

KOMEZA KU RUP.17





# Nyagatare: Abasaga 120 baguriwe imbabura za rondereza barazivuga imyato



Abaturage bahawe imbabura zirondereza ibicanwa, zikanabungabunga ibidukikije

IBIKURIKIRA URUP.16

Umuyobozi wungirije w'Akarere ka Nyagatare ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Matsiko Gonzague, asaba abahawe Imbabura gukomeza kuzikoresha neza anizeza n'abatarazibona ko hari gahunda yo kuzigeza kuri benshi bashoboka.

Ati: "Biri mu nshingano z'ubuyobozi dufatanyije n'abafatanyabikorwa gushaka ibisubizo ku bibazo by'abaturage bacu cyane cyane abadafite ubushobozi. Ikibazo cy'ibicanwa rero gikomeje kugaragara hirya no hino, akaba ari yo mpamvu dushakira ibisubizo ku mbabura nka ziriya zironderereza ibicanwa."

Yaboneyeho gusaba n'abaturage bafite ubushobozi kuyoboka iyo gahunda bitabasabye gutegereza inkunga ya Leta kuko bigira inyungu nyinshi zirimo no gutanga umusanzu ufatika mu kubungabunga ibidukikije.

# Burera: Babangamiwe n'amatike basabwa n'abaje kubaterera mubazi ku nzu



Gutera mu bazi ku nzu bisaba amafaranga y'urugendo

NGABOYABAHIZI PROTAIS

***Bamwe mu baturage bo mu Mirenge ya Gatebe na Rwasa mu Karere ka Burera baratakira ubuyobozi bwa Rwanda Energy Group (REG), bavuga ko hari abakozi b'iki kigo babasaba amafaranga y'urugendo mbere yo kubashyirira mubazi ku nzu (Cash Power).***

Bavuga kandi ko binyuranyije n'amabwiriza ya REG asaba ko nta muturage ugomba kwishyura amafaranga y'umukozi mu gihe ahawe serivisi.

Abaturage bavuga ko iyo myitwarire imaze iminsi igaragara, kandi ko ibashyira muri gahunda kuko serivisi bemerewe bagiye kuyihabwa, bamwe babanza gusabwa amafaranga atari mu mategeko, yiswe ay'urugendo.

Uwahawe izina rya Mukandayisenga Vestine utuye mu Murenge wa Gatebe, Akagari ka Gabiro; avuga ko yabwiwe n'umukozi wa REG ko azaza kumushyirira Cash Power ku nzu, ariko amubwira ko nanone yagombaga kumufasha amatike, azamugeza Gatebe.

Yagize ati: "Yarampamagaye ambwira ko ari mu nzira ariko ngo amatike mbe nyashaka. Naramubwiye nti ariko ayo mafaranga se ni ay'iki arajya he kandi twe twishyuye byose? Arambwira ngo ni ay'urugendo. Byarangoye kubyumva kuko si uko bimerera abandi, twifuza ko ibi bintu byacika"

Habyarimana Jean Paul, (Izina yahawe) wo mu Murenge wa Rwasa, na we avuga ko yigeze gusabwa amafaranga y'itike.

Yagize ati: "Umukozi yarampamagaye arambwira ngo turi kure, ariko iyo udufashije ugatanga amatike tukugeraho vuba. Byarantunguye kuko nari nzi ko REG ifite imodoka n'abakozi bashinzwe ibyo mu ku kazi."

Nyiransabimana Alphonsine (Izina yahawe) yemeza ko yigeze gutinda guhabwa mubazi kuko ngo umukozi yamusabye amafaranga y'urugendo akayabura.

Yagize ati: "Barambwiye ngo barebye nko ku isaha ya saa munani nkaba nabafashije amatike kugira ngo baze. Kubura ayo mafaranga byatumye batinda kuza, kandi twari twarishyuye serivisi zose zisabwa."

Abo baturage bavuga kandi ko hari bamwe mu bakozi bashyira kode muri za mubazi zabo, basaba kuza kuzikuramo umuturage agasabwa amafaranga ibihumbi bitanu.

Umuyobozi wa REG ishami rya Burera, Eng. Majyambere Jean de Dieu, yavuze ko iki kibazo atari akizi, ariko ko bagiye kugikurikirana vuba.

Yagize ati: "REG ifite imodoka na moto biteganyirijwe ibikorwa byo kugeza serivisi ku baturage. Nta muturage n'umwe ukwiye gusabwa amatike y'umukozi. Ibyo ntibyemewe, kandi uwoherejwe mu kazi akishora muri izo ngeso mbi ziganisha kuri ruswa, azahanwa n'amategeko umunsi yafashwe, kandi niba hari abantu bahembwa neza n'abakozi ba REG barimo."

Yibukije abaturage gutanga amakuru ku mukozi wese umusabye amatike.

Imibare igaragazwa na REG yerekana ko 85% by'ingo zo mu Karere ka Burera zimaze kugezwaho amashanyarazi.

Ingo 4 700 zahawe umuriro mu mwaka ushize wa 2024 kubera imiyoboro mishya yubatswe.

Ku rwego rw'igihugu, 83.2% by'ingo mu Rwanda zamaze kugeza ku muriro ukoresha umuyoboro mugari (on-grid) na off-grid (Ingufu z'amashanyarazi zikomoka ku mirasire y'izuba).

# Musanze: Abasore banze gukora, basaba ababyeyi kugurisha amasambu bakabihera amafaranga



Ababyeyi bashinja abana kutazigama ahubwo ayo babonye bakayanywera

NGABOYABAHIZI Protais

***Bamwe mu bageze mu zabukuru bo mu Karere ka Musanze bahangayikishijwe n'abana babo bamaze kuba abasore n'inkumi babahoza ku nkenke babasaba kugurisha imitungo kugira ngo babihere amafaranga, nyamara baranze gukora icyabateza imbere ahubwo bakigira mu businzi.***

Abo babyeyi bavuga ko bibabangamira mu buzima bwabo bwa buri munsi ndetse bikabangamira no kurera abandi bana babakomokaho.

Nyiramaguru Anastasie, w'imyaka 67 wo mu Murenge wa Muhoza, ni umwe mu babyeyi bavuga ko abana babo bamaze kubagora.

Avuga ko nyuma yo kubarihira amashuri barindwi, bamwe muri bo aho gushaka akazi basigaye bamusaba kugurisha amasambu ye kugira ngo babone amafaranga.

Yagize ati: "Naravunitse mbashyira mu mashuri, ariko bahora bansaba kugurisha isambu ngo bakuremo amafaranga. Hari n'abo mfite batararangiza kwiga, ariko ntibabatekereza. Umwana wanjye mukuru yambwiye ko ngo niba ntayigurisha ntacyo ndimo kubamarira. Birambabaza cyane kuko barashaka ko ngurisha kandi hari abana bakeneye kurerwa."

Hakizimana Jean Baptiste, w'imyaka 72, wo mu Murenge wa Kinigi, avuga ko umuhungu we w'imyaka 24 yamubereye ikigeragezo.

Yagize ati: "Yanze gukora, ariko ahora ansaba kugurisha isambu kugira ngo mugurire moto ngo ajye mu kimotari.

Ibyo birambabaza, bintera imihangayiko n'umutekano muke mu rugo, bikantesha umutwe, kuko iyo sambu ni yo nshakiramo ubuzima. Abandi bana baracyiga, nkeneye kubaho dore ndashaje; ariko we ntabitekereza."

Nshimiyimana Eric wo mu Murenge wa Kimonyi, umwe mu rubyiruko rwaganiriye na Imvaho Nshya, avuga ko hari bamwe mu rubyiruko bifuza kubaho batavunitse bikabatera gutekereza ko imitungo y'ababyeyi ari yo gisubizo.

Yagize ati: "Ni byo turifuza gutangira ubuzima, ariko ntabwo dukwiye gutesha agaciro ababyeyi ngo tubahatire kugurisha amasambu, ahubwo dukwiye gushaka ibyo twakora, bibyara amafaranga.

Ababyeyi badufasha uko bashoboye ariko tutabahatira kugurisha imitungo yabo kandi na bo bakeneye kubaho barera na barumuna bacu."

Aba babyeyi bashinja abana babo kwirirwa mu kabari banywa aho gukoresha amafaranga make babonye mu bibaha inyungu.

Nsengiyumva yagize ati: "Bamwe mu bana bacu ntabwo bazi kuzigama, ahubwo n'iryo babonye barishora mu nzoga, bamara gusinda bakaza bakubita ababyeyi ngo nibagurishe imwe mu mitungo babone igishoro, nyamara wajya kureba ugasanga umwana yashoye mu kabari atari munsi y'ibihumbi 45 Frw, twifuza ko aba bana bahindura imyumvire."

Umuyobozi wungirije w'Akarere ka Musanze ushinzwe Imibereho myiza y'Abaturage, Kayiranga Theobald, avuga ko ikibazo cy'abana basaba ababyeyi kugurisha imitungo kijya cyumvikana kandi ko hari ubwo kibangamira imiryango itandukanye.

Yagize ati: "Dusaba abana kubaha ababyeyi babo no kubana mu mahoro. Ababyeyi na bo bagomba kuzuza inshingano zo kurera neza no gutanga uburere bunoze. Umwana wize akwiye gushaka akazi cyangwa kwihangira imirimo aho guhatira umubyeyi kugurisha ibyo afite."

Itegeko Nº 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango ni ryo rishyiraho uburyo bwemewe bwo gutanga umunani n'imikoresherezwe y'umutungo mu muryango.

Ingingo ya 205 ivuga ko umunani ari impano umubyeyi aha umwana mu rwego rwo kumufasha gutangira ubuzima bwe, ariko abikora ku bushake bwe, atabihatiwe.

Ingingo ya 206 ivuga ko umwana adaashobora gutegeka cyangwa guhatira umubyeyi kugurisha umutungo ngo amuhe amafaranga. Umunani uhabwa umwana ni icyemezo cy'umubyeyi.

Ingingo ya 207 Umunani ugomba gutangwa ku buryo buringaniye ku bana bose, bitewe n'ubushake n'ubushobozi bw'ababyeyi.

Iri tegeko risobanura ko umubyeyi afite uburenganzira bwuzuye ku mutungo we igihe akiriho, kandi nta mwana wemerewe kuwutunga cyangwa kuwuharirwa ku gahato.

# Mukore ibihano muzinukwa icyaha-CG Murenzi yakebuye abakora ibihano nsimburagifungo

HITIMANA Servand

***Komiseri Mukuru w'Urwego rw'U Rwanda rushinzwe Igorora, CG Murenzi Evariste yasabye abakatiwe n'inkiko igihano nsimburagifungo, barimo gukora imirimo y'inyungu rusange, gukora igihano cyabo batiganda birinda kuba bakongera kugongana n'amategeko bikabagarura mu bihano.***

Yabigarutseho kuri uyu wa Gatandatu tariki ya 6 Ukuboza 2025, ubwo hatangizwaga ku mugaragaro imirimo y'inyungu rusange kubahamijwe ibyaha n'inkiko.

CG Murenzi Yagize ati: "Iyi gahunda ya Leta yo gushyiraho ibihano nk'ibi bifite inyungu nyinshi. Kuri mwe mwahamwe n'ibyaha iki gihano gituma mwikosora ariko bikaruta ko mwaba mugororerwa muri gereza, kuko mukora mutaha mu miryango yanyu bityo mugakurikiranira hafi imibereho yayo."

Yunzemo ati: "Ikindi ni uko abo mwakoreye ibyaha babona ko koko muri guhanwa ndetse n'ubujyanama bw'abavandimwe banyu mukabubona."




CG Evariste Murenzi yasabye abarangiza ibihano byabo kubahiriza amabwiriza bakanirinda gusubira mu byaha

Yakomeje abasaba kubahiriza amabwiriza birinda kongera kugongana n' amategeko.

Ati: "Ati turabasaba rero kubahiriza ibyo musabwa gukora. Mugakora iminsi itatu mu cyumweru nkuko biteganywa. Igihe muri muri kurangiza igihano

KOMEZA KU RUP.19





# Rutsiro: Umusaza w'imyaka 67 arakekwaho gusambanya umwuzukuru we w'imyaka 10




Mu Karere ka Rutsiro, haravugwa umusaza wasambanyije umwuzukuru we w'imyaka 10

BAHUWIYONGERA Sylvestre

***Gacinya Emmanuel w'imyaka 67 arashakishwa n'ubuyobozi bw'Akarere ka Rutsiro n'inzego z'umutekano,nyuma yo gutoroka akekwaho gusambanya umwuzukuru we w'imyaka 10, wiga mu mwaka wa 4 w'amashuri abanza, wari wasuye umuryango we.***

Byabereye mu Kagali ka Remera,Umurenge wa Boneza mu Karere ka Rutsiro.

Umuturanyi w'uyu muryango wahaye amakuru Imvaho Nshya, yavuze ko uwo mwana ari uw'umukobwa umugore w'uyu musaza yahatahanye bashyingirwa, baramurerana, uwo mukobwa aza gushaka umugabo hafi y'aha iwabo, abyara uwo mwana.

Ati: "Uwo musaza abana n'umukecuru we. Uyu mwuzukuru wabo yaje kubasura nk'uko yari asanzwe. Umusaza ahengereye umugore we adahari aba afashe uyu mwuzukuru we aramusambanya.

Umwana yabanje kwihagararaho, ntawamenya icyo sekuru yamukubise mu ivi kuko twamubonye ryabyimbye, anamubwira ko natera amahane cyangwa akabivuga amwica."

Avuga ko umwana yahise ataha yangiritse ivi no ku gitsina, abibwira nyina, aho kujyanwa kwa muganga ngo anatange amakuru, ngo babigize ibanga mu muryango, babungiramo ndetse barabiceceka n'umwana baramucecekesha ariko akomeza kuremba.

Bakomeje kumuha ibyatsi ngo baramuvura, umwana ageze aho ababwira ko byanze bamujyana kwa muganga, ku kigo nderabuzima cya Kinunu.

Ati: "Umwana ahageze abanza kuvuga ko ababara cyane mu ivi ibyo mu gitsina abanza kubihisha. Muganga amwitegereje abona atari ikibazo cy'ivi afite gusa, amubaza neza icyamuteye iryo vi, ni bwo yavugaga byose uko byagenze, ko arisekuru wamugize atyo arimo amusambanya, ariko bari bamubujije kubivuga."

Muri icyo gihe nyina w'umwana wari wanamuherekeje, yarabajijwe yemera ko yabimenye, yakumva byakozwe na sekuru w'umwana agatinya ko ayo mahano yashyirwa hanze, ko yazasenya umuryango wose igihe sekuru azaba afashwe agafungwa.

Uwo mubyeyi ngo yahisemo kubiceceka, babyungira mu muryango bibwira ko birangiye.

Ariko kuko umwana yakomezaga kubabara no gutaka cyane babura uko babigenza ibindi byose bagerageje byananiranye, bamuzana kwa muganga.

Amakuru yahise atangwa byihuse, ubuyobozi bw'Umurenge wa Boneza burabimenya, bugiye gufata uwo musaza busanga na we amakuru yayamenye yatorotse n'ubu akaba agishakishwa.

Umwe mu bo mu muryango w'uyu musaza, yabwiye Imvaho Nshya ko aya ari amahano abaye ubwa mbere mu muryango wabo.

Ati: "Kugeza ubu umusaza ntituzi iyo ari yahise atoroka. Ibyo avugwaho niba koko yarabikoze ni amahano arenze kamere atarigeze avugwa mu muryango wacu. Natwe turamushakisha. Tumubonye ntitwamuhishira nk'uko bari babanje kumuhishira natwe bakabiduhisha. Twamushyikiriza ubutabera tukumva uko yiregura kuko birababaje cyane."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Boneza, Munyamahoro Muhizi Patrick, avuga ko iryo hohoterwa rikimara kumenyekana ku kigo Nderabuzima cya Kinunu, umwana bamwihutanye mu bitaro bya Murunda, ibyakurikiyeho biri mu bitaro no mu bugenzacyaha kuko umubyeyi yagiriwe inama yo kujya gutanga ikirego.

Yavuze ko ukekwaho icyaha agishakishwa.

Ati" Turacyamushakisha naboneka azashyikirizwa ubugenzacyaha abiryozwe."

Yibukije abaturage ko icyaha cyo gusambanya abana kidasaza, igihe cyose azabonekera azagikurikiranwaho.

Yibukije imiryango ko igomba kumenya ko hari ibitungirwamo, birimo icyaha cyo gusambanya abana. Aho kigaragaraye,ukigaragaweho wese amakuru agatangwa byihuse, agafatwa ataracika ubutabera."

Ingingo ya 14 y'itegeko No 059/2023 ryo ku wa 4 Ukuboza 2023, rihindura itegeko No 68/2018 ryo ku wa 30 Kamena 2018, riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, ivuga ko iyo gusambanya umwana byakorewe ku mwana uri munsi y'imyaka 14, ubihamijwe n'urukiko ahanishwa igifungo cya burundu.



Abakatiwe ibihano n'inkiko bashima ko gufungwa byaguranywe imirimo y'inyungu rusange

# Mukore ibihano muzinukwa icyaha-CG Murenzi yakebuye abakora ibihano nsimburagifungo

IBIKURIKIRA URUP.16

cyanyu, kandi mugomba kwiga mukiyibutsa ibyatumye mukatirwa n'inkiko mukanazinukwa burundu gusubira mu byaba."

Ni ibihano ababikatiwe bavuga ko byari bikwiye kandi bakishimira ko Leta yabadohoreye bakaba babikora bataha mu ngo zabo nyamara bari kuba bafunzwe.

Mukapasika Ruth wakatiwe gufungwa amezi 6 ariko agahabwa gukora imirimo y'inyungu rusange, avuga ko nta ko bisa kuba ataragiye mu igororero akaba akora ataha iwe.

Ati: "Turashima iyi gahunda cyane kuko nahamijwe icyaha ubu mba mfungiye i Kibungo nta muntu ungeraho. Nyamara aha ndakora ngataha mu rugo nkanamenya uko abana biriwe mbashakira ibyo barya ubuzima bugakomeza."

Yakomeje avuga ko akora iminsi itatu indi minsi agakora ibikorwa bye bibyara inyungu birimo n'ubucuruzi yakoraga mbere y'uko agwa mu cyaha.

Ati: "Urumva ko rero iki gihano tugikora tutinuba kuko cyaturitse ku mskisa yacu ariko kizamo kutwohereza kuruta kujya mu magereza."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyagatare Wungirije ushinzwe Imibere y'Abaturage Myiza y'Abaturage, Murekatete Juliet avuga ko ibi bikorwa biri gufasha mu iterambere muri rusange.

Ati: "Abarangiza ibihano bari gutanga umusanzu ukomeye mu byiciro bitandukanye. Turabakoresha muri gahunda yo kunganira abana ku ishuri, aho bakora mu guhinga imboga no gukora indi mirimo yagatwaye ingengo y'imari. Barakora mu bikorwa byo kubakira abatishoboye ,kwimakaza isuku n'ibindi."

Urwego rw'u Rwanda rushinzwe Igorora (RCS) ruvuga ko ibikorwa nk'ibi biri gukorwa hirya no hino mu gihugu.

Mu Karere ka Nyagatare hari abategerejwe muri iyi mirimo bagera kuri 609, kugeza ubu abatangiye kuyikora bagera kuri 186.

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

**YOUNG WOMEN'S CHRISTIAN ASSOCIATION OF RWANDA (YWCA)**

*"Transforming community, empowering women"*

### ITANGAZO RYA CYAMUNARA

Umuryango **YWCA (Young Women's Christian Association)** uramenyesha abantu bose ko uzagurisha umutungo wayo ugizwe n'ibinyabiziga (moto n'imodoka), ibikoresho byo mu biro n'iby'ikoranabuhanga binyuze muri cyamunara izaba **ku wa 13 Ukuboza 2025**, guhera **saa saba (13:00 )** aho ukorera ku **Kicukiro, hafi ya RIB/Polisi , ku muhanda KK 486st.**

1. **Ibikoresho bigurishwa:** Moto, imodoka, ibikoresho byo mu biro ndetse n'ibikoresho by'ikoranabuhanga.
2. **Uburyo ibikoresho bizagurishwamo:** Moto n'imodoka bizagurishwa kimwe kimwe , naho ibikoresho byo mu biro n'ikoranabuhanga bizagurishwa mu matsinda(lots) hagendewe ku bwoko bw'ibikoresho.
3. **Gusura ibigurishwa:** Abifuza gusura ibikoresho bizagurishwa barasabwa kuza bitwaje inyemezabwishyu y'amafaranga y'Urwanda ibihumbi makumyabiri (20,000Frw) adasubizwa azishyurwa kuri **konti nomero 00056 -00280808-78, iri mu mazina ya YWCA muri Banki ya Kigali** bakaza kandi bitwaje iyo nyemezabwishyu ku munsi wo gusura no ku munsi w'icyamura.

   **Gusura bizamara iminsi 5,** guhera ku mbere tariki 08/12//2025 kugeza tariki 12/12/2025, guhera saa tatu za mu gitondo (09:00 AM) kugeza saa kumi z'umugoroba(16:00 PM).
4. **Uburyo bwo gutanga ibiciro:** Cyamunara izafungurwa ku mugaragaro hatangwe ibiciro mu ruhame hifashishijwe indangururamajwi, uzatanga menshi ni we uzatsindira igikoresho azaba yapiganiye.

   **Ibyo upiganwa azaza yitwaje:**

   **a) Ku muntu ku giti cye:** Indangamuntu, passport cyangwa uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga, nimero za telephone n'inyemezabwishyu y'amafaranga ibihumbi makumyabiri(20,000Frw) adasubizwa yishyuwe kuri konti yavuzwe mu gika cya 3.

   **b) Ku bigo (Company na NGOs):** Seretifika ya RDB cyangwa RGB, nimero ya telefoni y'uhagarariye ikigo na kopi y'indangamuntu y'uwo ikigo cyohereje mu ipiganwa n'inyemezabwishyu y'amafaranga ibihumbi makumyabiri (20,000Frw) adasubizwa yishyuwe kuri konti yavuzwe mu gika cya 3

Headquarters: Kicukiro District, Niboye Sector, KK 21 Avenue, Kigali Rwanda
B.P. 48 Kigali, Rwanda, Phone number: + (250) 798662550
Email: info@ywca.rw Web: www.ywca.rw

**URUTONDE RY'IBIZAGURISHWA**

| # | IBIGURISHWA | UBWOKO | UMWAKA |
|---|---|---|---|
| | **IMODOKA** | | |
| 1 | IMODOKA / Pick-up | Toyota Hilux / Pick-up / Manuel | 2005 |
| 2 | IMODOKA /RAV4 | Toyota /RAV4 / Manuel | 2009 |
| 3 | IMODOKA /Jeep | Toyota Fortuner/Jeep / Manuel | 2015 |
| | **MOTO** | | |
| 1 | MOTO | YAMAHA AG 100 | 2021 |
| 2 | MOTO | YAMAHA AG 100 | 2021 |
| 3 | MOTO | YAMAHA AG 100 | 2021 |
| 4 | MOTO | YAMAHA AG 100 | 2012 |
| 5 | MOTO | YAMAHA AG 100 | 2021 |
| 6 | MOTO | YAMAHA AG 100 | 2021 |
| 7 | MOTO | YAMAHA AG 100 | 2021 |
| 8 | MOTO | YAMAHA AG 100 | 2021 |
| 9 | MOTO | YAMAHA AG 100 | 2021 |
| 10 | MOTO | YAMAHA AG 100 | 2021 |

**IBINDI**

| No | IBIGURISHWA | UMUBARE |
|---|---|---|
| 1 | HP Proliant ML 310 G5P Server | 1 |
| 2 | HP Desktop | 3 |
| 3 | HP Laserjet M236sdw | 1 |
| 4 | Printer EPSON L805 | 1 |
| 5 | CISCO 1800 series | 1 |
| 6 | UPS APS | 2 |
| 7 | UPS Mercury | 1 |
| 8 | Keyboards | 5 |
| 9 | Screens | 2 |
| 10 | HP Laptops | 4 |
| 11 | Laptop Lenovo E580 | 3 |
| 12 | Projector | 1 |
| 13 | Tablet | 50 |
| 14 | Laptop Dell Latitude E5450 | 1 |
| 15 | Access Point | 6 |
| 16 | Cables | N/A |
| 17 | HP laserjet Enterprise Flow MFP M630 | 1 |
| 18 | Rack | 1 |

**YOUNG WOMEN'S CHRISTIAN ASSOCIATION OF RWANDA (YWCA)**

*"Transforming community, empowering women"*

5. **Kwishyura:** Uwatsindiye ibikoresho asabwa kwishyura byibuze 30% ako kanya, asigaye akayishyura mu gihe kitarenze amasaha 72 kuri konti azamenyeshwa.

   Uzarenza igihe cyavuzwe , icyaguzwe kizasubizwa ku isoko, hanyuma amafaranga yari yatanze akamusubizwa hakuweho 5% y'igiciro yari yatsindiyeho.
6. **Gutwara ibyaguzwe:** Uwatsindiye ibikoresho asabwa kubitwara **bitarenze iminsi itatu (3)**. Uzarenza iyo minsi, azacibwa amande y'ububiko ibihumbi icumi (10,000Frw) buri munsi ku minsi azaba yarengejeho.

Ushaka ibisobanuro birambuye yahamagara kuri telephone nomero**: 0788336060**

Bikorewe i Kigali, ku wa 30/11/2025

**Ernestine KALIGIRWA**

**Uhagarariye inama y'ubuyobozi ya YWCA**

Headquarters: Kicukiro District, Niboye Sector, KK 21 Avenue, Kigali Rwanda
B.P. 48 Kigali, Rwanda, Phone number: + (250) 798662550
Email: info@ywca.rw Web: www.ywca.rw

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

**CYAMUNARA RWANDA LTD**
Tin : 111531653 / Tel : 0787334130 / NYARUGENGE-KIGALI
www.cyamunararwanda.rw / Email : cyamunararwanda@gmail.com

**ITANGAZO RYA CYAMUNARA Y'IMODOKA ZITANDUKANYE**

**CYAMUNARA RWANDA Ltd,**sosiyete ya mbere mu Rwanda mu kugurisha hakoreshejwe ipiganwa ry'ibiciro "**CYAMUNARA**"imitungo yimukanwa n'itimukanwa y'ibigo bya Leta,imiryango idaharanira inyungu,amasosiyete y'ubucuruzi n'abantu ku giti cyabo,iramenyesha abantu bose babishaka kandi babifitiye ubushobozi ko ku wa kane taliki **11/12/2025** saa tanu z'amanywa **(11h00")** izagurisha mu cyamunara imitungo ikurikira:

| № | VEHICLE TYPE | QTY | YEAR OF MANUFACTURE |
|---|---|---|---|
| 1 | VolksWagen:AMAROK,VIRTUS,T-CROS,TIGUAN,TERRAMONT | 20 | 2019,2020,2022,2022 |
| 2 | TOYOTA:RAV 4 | 1 | 2014 |
| 3 | BENZ: ACTROS MP4 | 1 | 2016 |
| 4 | HYUNDAI: SANTAFE | 1 | 2018 |
| 5 | MITSUBISHI PAJERO | 1 | 2016 |

Gusura iyo mitungo bikorwa buri munsi aho iherereye I NYAMIRAMBO kuri 40 iruhande rwa SACCO RWEZAMENYO arinaho cyamunara izabera.

**CYAMUNARA RWANDA IRIBUTSA ABAZITABIRA CYAMUNARA IBIKURIKIRA:**

- ✓ Cyamunara izabera mu ruhame hakoreshwa gupiganisha ibiciro mu magambo.
- ✓ Uwifuza kugura muri iyi cyamunara asabwa kwishyura cash ingwate y'ipiganwa ya Miliyoni ebyiri (**2,000,000RWF**) aherwaho mukwishyura.
- ✓ Uguze umutungo asabwa kwishura 30% y'agaciro yatsindiyeho ako kanya no kwishyura 70% asigaye bitarenze iminsi ibiri ikurikira umunsi wa cyamunara.
- ✓ Utsindiye umutungo ntiyishyure ikiguzi cyose, ingwate ye irafatirwa ikazakoreshwa mu gutegura cyamunara yawo kandi agatakaza uburenganzira kuri uwo mitungo ugasubira ku isoko.
- ✓ Ingwate y'ipiganwa isubizwa ako kanya cyamunara irangiye kubataguze

Ukeneye ibindi bisobanuro Abariza kuri **Tel: 0787334130/0788822147**
Amafoto y'ibigurishwa n'izindi cyamunara urabisanga kuri www.amatangazo.com

**Bikorewe i Kigali, kuwa 1/12/2025**

**NDEREYIMANA Mathias**
**Umuyobozi Mukuru**
**CYAMUNARA RWANDA Ltd**





## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

**ITANGAZO RYA CYAMUNARA Y'UMUTUNGO UTIMUKANWA**

MU RWEGO RWO GUSHYIRA MU BIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU **REF N° 025-247495** CYO KUWA **16/11/2025** CYO KUGURISHA INGWATE MU CYAMUNARA KUGIRA NGO HISHYURWE UMWENDA BANKI IBEREWEMO;

USHINZWE KUGURISHA INGWATE ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MU CYAMUNARA BINYUZE MU BURYO BW'IKORANABUHANGA IKIBANZA GIFITE Nº **UPI 5/06/07/02/95** UHEREREYE MU MUDUGUDU WA **MUTARA,** AKAGARI KA **KIGABIRO**, UMURENGE WA **MURAMA**, AKARERE KA **NGOMA**, INTARA Y'**IBURASIRAZUBA;**

**UKO CYAMUNARA ZIZAKURIKIRANA BINYUZE MU BURYO BW'IKORANABUHANGA MU GIHE UMUTUNGO WABA UTABA UGUZWE KU NSHURO YA MBERE CYANGWA IYA KABIRI**

| CYAMUNARA | UMUNSI N'UKWEZI CYAMUNARA IZATANGIRIRAHO IKANARANGIRIRAHO | ISAHA |
|---|---|---|
| INSHURO YA **1** | IZATANGIRA KUWA **15/12/2025** IRANGIRE KUWA **22/12/2025** | SAA CYENDA **(15H00)** |
| INSHURO YA **2** | IZATANGIRA KUWA **24/12/2025** IRANGIRE KUWA **31/12/2025** | SAA CYENDA **(15H00)** |
| INSHURO YA **3** ARI NA YO YA NYUMA | IZATANGIRA KUWA **02/01/2026** IRANGIRE KUWA **09/01/2026** | SAA CYENDA **(15H00)** |

-UMUTUNGO UGURISHWA UFITE UBUSO BWA **854 SQM**
-AGACIRO K'UMUTUNGO NI **6,400,000 FRW**
-GUSURA UMUTUNGO BIZAKORWA **BURI MUNSI MU MASAHA Y'AKAZI**

UWIFUZA GUPIGANWA MU KUGURA UWO MUTUNGO, ARASABWA GUTANGA INGWATE Y'IPIGANWA Y'AMAFARANGA Y'U RWANDA **320,000 FRW** AHWANYE NA **5%** Y'AGACIRO K'UMUTUNGO AKAYISHYURA KURI KONTI IGARAGARA MU BURYO BW'IKORANABUHANGA YA **MINISITERI Y'UBUTABERA** IRI MURI **BANKI YA KIGALI (BK)** HAKORESHEJWE **URUBUTO PAY**.

UWATSINDIYE UMUTUNGO MURI CYAMUNARA YISHYURA AMAFARANGA KURI KONTI Nº **1116080796074** IFUNGUYE M' **URWEGO FINANCE** MU MAZINA YA **HARELIMANA AUGUSTIN**

**USHAKA GUPIGANWA ATANGA IBICIRO BINYUZE KU RUBUGA RW'INYANDIKOMPESHA ARIRWO:** www.iecms.gov.rw **ARI NAHO MUSANGA IFOTO N'AGACIRO BY'UMUTUNGO UGURISHWA**

- ABIFUZA IBINDI BISOBANURO BABARIZA KURI NOMERO YA TELEFONE IKURIKIRA: **0785089957**

BIKOREWE I KIGALI KUWA 01/12/2025

**Me HARELIMANA AUGUSTIN**
**USHINZWE KUGURISHA INGWATE**

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

**ITANGAZO RYA CYAMUNARA**

KUGIRANGO HARANGIZWE ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU MURI RDB GIFITE NUMERO: **025-207204 NO 00860/2025/RCV/ORG** CYO KUWA **02/10/2025** CYO KUGURISHA INGWATE MURI CYAMUNARA HAGAMIJWE KWISHYURA UMWENDA WA BANKI;

UWASHINZWE KUGURISHA INGWATE **M**[E] **KARARA EMMANUEL** ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MURI CYAMUNARA KU NSHURO YA GATATU UMUTUNGO UTIMUKANWA UGIZWE N'INZU YO GUTURAMO IRI MUKIBANZA GIFITE **UPI: 1/02/09/03/1253** GIHEREREYE MU MUDUGUDU WA **URUGWIRO**, AKAGARI KA NYAGATOVU , UMURENGE WA **KIMIRONKO**, AKARERE KA **GASABO**, INTARA UMUJYI WA KIGALI, KUGIRA NGO HISHYURWE UMWENDA WA BANKI ;

**UKO CYAMUNARA ZIZAKURIKIRANA BINYUZE MU BURYO BW'IKORANABUHANGA:**

| CYAMUNARA | UMUNSI/ UKWEZI CYAMUNARA IZATANGIRIRAHO, IKANARANGIRIRAHO | ISAHA |
|---|---|---|
| INSHURO YA 3ARINAYO YA NYUMA | IZATANGIRA 03/12/2025 saa munani kugeza tariki ya 10/12/2025 saa munani zamanywa | SAA MUNANI 14H00 |

UMUTUNGO UGURISHWA UFITE UBUSO BUNGANA NA **$M^2$ 248** (sqm). UKABA UFITE AGACIRO KANGANA NA **(69,832,358 frw).INGWATE Y'IPIGANYWA INGANA NA 5% N'UKUVUGA 3,491,617,9 frw** YISHYURWA KURI KONTI YA MIMIJUSTIN
CYAMUNARA IZAKORWA MU BURYO BW'IKORANABUHANGA, ABIFUZA GUPIGANWA BAZABIKORA BACIYE K'URUBUGA: WWW.CYAMUNARA.GOV.RW.

GUSURA UMUTUNGO BIZAJYA BIKORWA MU MINSI NO MU MASAHA Y'AKAZI.

- ABIFUZA IBINDI BISOBANURO BABARIZA KURI NUMERO YA TELEPHONE IGENDANWA IKURIKIRA: **0788830615**
- IFOTO N'IGENAGACIRO BY'UMUTUNGO UGURISHWA BIBONEKA HAKORESHEJWE UBURYO BW'IKORANABUHANGA RYO KURANGIZA INYANDIKOMPESHA RIBONEKA K'URUBUGA : WWW.CYAMUNARA.GOV.RW

N.B: UZABA YATSINDIYE KWEGUKANA UYU MUTUNGO AZISHYURA ACISHIJE UBWISHYU BWE KURI KONTI N°: konti **N° 7081177** yanditse mumazina ya **Me KARARA Emmauel** iri muri **CSS**

BIKOREWE I KIGALI KUWA **01/12/2025**

**Me KARARA Emmanuel**
**Ushinzwe kugurisha ingwate**

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

ITANGAZO RYA CYAMUNARA

KUGIRANGO HASHYIRWE MU BIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU **REF.NO.:** 025-231377 CYO KUWA **29/10/2025** CYO KUGURISHA INGWATE MURI CYAMUNARA HISHYURWA UMWENDA WA BANK, USHINZWE KUGURISHA INGWATE ME MBANJENEZA ISAAC ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZATEZA CYAMUNARA UMUTUNGO UTIMUKANWA URI MU KIBANZA GIFITE UPI: 2/04/02/03/2879, **G**IFITE UBUSO BUNGANA NA **994 QM** N'AGACIRO KANGANA NA MILIYONI ESHANU N'IBIHUMBI MAGANA ACYENDA NA MIRONGO ITANDATU NA BINE (5,964,000**FRWS),** IHEREREYE MU MUDUGUDU WA GASHARU, AKAGALI KA RUKIRA , UMURENGE WA HUYE **,** AKARERE KA HUYE , INTARA Y'AMAJYEPFO ,

INGENGABIHE YO GUPIGANWA UKO ITEYE:

| GUPIGANWA | ITARIKI | UKWEZI | UMWAKA | ISAHA |
|---|---|---|---|---|
| INSHURO YA 1 | 15-22 | 12 | 2025 | SAA SITA (12H00) |
| INSHURO YA 2 | 24-31 | 12 | 2025 | SAA SITA (12H00) |
| INSHURO YA 3 | 02-09 | 01 | 2026 | SAA SITA (12H00) |

ABIFUZA GUPIGANWA BOSE BAGOMBA KWIYANDIKISHA KU RUBUGA WWW.IECMS.GOV.RW KANDI BAKISHYURA INGWATE Y'IPIGANWA INGANA NA N'IBIHUMBI MAGANA ABIRI NA MIRONGO ICYENDA N'UMUNANI NA MAFARANGA MAGANA ABIRI (298,200 **FRWS)** AHWANYE NA **5%** BY'AGACIRO K'UMUTUNGO WAVUZWE HARUGURU. KWISHYURA INGWATE NUKUJYA KUMUTUNGO UGURISHWA KU RUBUGA WWW.ONLINE AUCTION, UGAHABWA CODE YO KWISHYURIRAHO UGAHITAMO UBURYO BUKUNYUZE (BK CYANGWA MOBILE MONEY), UZEGUKANA INGWATE MURI CYAMUNARA AZISHYURA BINYUZE KURI KONTI **N**[0] **461326440811**IRI MURI **BANK POPULAIRE DU RWANDA LTD** KU MAZINA Y'USHINZWE KUGURISHA INGWATE ARIWE **MBANJENEZA ISAAC**.

GUSURA INGWATE BIKORWA BURI MUNSI MU MINSI Y'AKAZI. ABIFUZA IBINDI BISOBANURO BAHAMAGARA KURI TELEPHONE NGENDANWA ARIYO **0788249561**

.IFOTO N'IGENAGACIRO BYAWO BIBONEKA HAKORESHEJWE UBURYO BW'IKORANABUHANGA RYO KURANGIZA INYANDIKOMPESHA.

BIKOREWE I KIGALI NONE KUWA 02/12/2025

USHINZWE KUGURISHA INGWATE

Me MBANJENEZA Isaac

# Kayonza: Komite Nyobozi yose y'Akarere yahaga-ritswe mu nshingano

**KAYITARE Jean Paul**

***Abayobozi b'Akarere ka Kayonza mu Ntara y'Iburasirazuba bahagaritswe mu nshingano mu gitondo cyo ku Cyumweru tariki 07 Ukuboza 2025.***

Itangazo ry'Inama Njyanama y'Akarere ka Kayonza ryemeza ko hashingiwe ku itegeko No 065/2021 ryo ku wa 09/10/2021 rigenga Akarere, hafashwe icyemezo cyo guhagarika Komite Nyobozi yose.

Impamvu itangwa ni iy'uko abahagaritswe batujuje inshingano zabo uko bikwiye nyuma y'ubusesenguzi bw'Inama Njyanama.



**Abagize komite nyobozi mu Karere ka Kayonza bahagaritswe kubera kutuzuza inshingano**

Abagize komite nyobozi birukanwe harimo Umuyobozi w'Akarere, Nyemazi John Bosco, Munganyinka, Hope, Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu na Harelimana Jean Damascène, Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage.

Imvaho Nshya Imyidagaduro

# Peter wo muri P-Square atinya ubukene kurusha urupfu

MUTETERAZINA Shifah

***Umuhanzi w'icyamamare ukomoka muri Nigeria, Peter Okoye wamamaye nka Mr P, yavuze ko atinya ubukene kurusha urupfu kubera ubuzima yaciyemo akiri muto.***

Mu kiganiro yagiranye na kimwe mu bitangaza makuru bikorera ku muyoboro wa YouTube cyitwa Nancy Isime Show, Mr P yavuze ko atababazwa cyangwa ngo atinye urupfu, ahubwo yikanga kuba umukene.

Uwo muhanzi avuga ko ikimutera gutinya ubukene kuri urwo rwego ari ubuzima bwa gikene yakuriyemo mu muryango avukamo kandi ko kuva ubwo yihaye intego y'uko atazakena.


Iwabo wa Mr P basenyeweho inzu bakodeshaga bimutera gutinya ubukene

Ubwo yari abajijwe ikimutera ubwoba iyo atekereje urupfu uyu muhanzi avuga ko nta na rimwe ajya arutinya ahubwo afite ikindi atinya cyane.

Yagize ati: "Ntawankangisha urupfu sindutinya. Ikintu cyonyine kinkanga mu buzima ni ubukene, no kubaho ntafite amikoro."

Akomeza agaragaza ko mu buzima bwe akiri muto babayeho mu bukene bikamutera kubutinya no gufata umwanzuro w'uko atagomba kuzakena.

Yakomeje agira ati: "Twabaga mu gipangu mu tuzu tw'inyuma njyewe, ababyeyi n'abandi bose tuvukana, muri make twari umuryango w'abahungu batandatu n'abakobwa babiri, tuba mu nzu y'icyumba kimwe. Nabwo aho ababyeyi bararaga n'uruganiriro byatandukanywaga n'igitambaro.

Igihe cyaje kugera nyir'inzu agurisha icyo kibanza, turimo tumusaba igihe ngo dushake aho kwimukira, ntiyakiduha ahubwo yohereza imashini itangira gusenya inzu tukiyirimo byarambabaje kuva ubwo nta kintu ntinya nk'ubukene kandi niyemeje gukora uko nshoboye sinzakene."

Uwo muhanzi avuga ko impamvu urupfu atarutinya ari uko iyo wapfuye nta zindi nshingano uba utegerejweho ariko kandi iyo ukennye inshingano ntizibibona uba ugomba kuzikora, akavuga ko ashingiye ku rugero rw'ibyababayeho icyo gihe iyo baba bafite amafaranga bitari kubasaba kwinginga nyirinzu.

Peter Okoye ni umwe mu basore babiri b'impanga bari bagize itsinda ry'umuziki ryakunzwe ryitwaga P-Square ( Peter na Paul) baza gutandukana bwa mbere mu 2016, baje kongera gusubirana mu 2021, icyakora baza gutandukana nanone, kuri iyi nshuro bikaba bikigoranye ko bakwiyunga nubwo abantu batandukanye mu nshuti zabo bakomeje kubijyamo.

Kuri ubu bombi bakomeje gukora umuziki buri wese ku giti cye aho umwe yitwa Mr P, ari we Peter naho umuvandimwe we Paul agakoresha izina rya Rudeboy.

# Meddy yaciye amarenga ko azataramira i Kigali vuba

MUTETERAZINA Shifah

***Umuramyi Ngabo Medard wamamaye nka Meddy, yaciye amarenga y'uko ateganya gutaramira i Kigali agaragaza ko arimo kubiteganya vuba cyane.***

Ni ibyo yatangaje ku mugoroba wo ku wa Mbere tariki 01 Ukuboza 2025, ubwo yasangizaga ifoto abamukurikira ku rubuga rwa Instagram ifoto ari kumwe n'umugore we Mimi.

Hanyuma umwe mu bamukurikira akandika ahatangirwa ibitekerezo agira ati: "Tugukeneye muri BK Arena turakwinginze muvandimwe. Turagukunda wowe na Mimi."

Mu kumusubiza Meddy yanditse ati: "Vuba Cyane."

Ni ibintu byakiriwe neza n'abakunzi be, nubwo abenshi wabonaga bakimubonera mu ndorerwamo yamaze guhindura kuko bandikaga bamugereranya n'abahanzi bakora indirimbo zisanzwe kandi we yaramaze guhindura icyerekezo.


Meddy yaciye amarenga y'uko ateganya gutaramira i Kigali kandi ko abiteganya vuba

Uwitwa tania_rwanda yanditse ati: "Meddy na The Ben ni abantu banjye babiri nkunda b'ibihe byose."

Uwiyita 'call-m.u.g.i.s.h.a' na we yanditse agira ati: "Meddy ushobora kuzaturirimbira muri BK Arena. Si twe tuzabona bibaye mu by'ukuri. Kandi dukunda imiziki yawe yo hambere."

Mu 2022, ni bwo Meddy yatangaje ku mugaragaro ko agiye kujya akora indirimbo zihariye kandi z'ihimbaza Imana akimara kubitangaza ku ikubitiro yashyize hanze iyo yise 'Grateful' yagiye hanze tariki 14 Kanama 2023, yakurikiwe 'Ni yo ndirimbo' yafatanyije na Adrien Misigaro, nanone aza gushyira hanze indi yise 'Blessed' mu ntangirio za 2025.

Nubwo Meddy yakunzwe cyane mu muziki usanzwe akaba akigaragarizwa n'abakunzi be ko bayimukumbuyemo ku rundi ruhande abakunzi b'indirimbo ziramya zikanahimbaza Imana na bo bamusamiye hejuru kuko izo ndirimbo zose zarebwe ku kigero gishimishije aho iyitwa Gratiful imaze kurebwa n'abasaga miliyoni eshatu mu gihe cy'imyaka ibiri imaze hanze.

Iyitwa 'Ni yo ndirimbo' yo imaze kurebwa na miliyoni 14 mu gihe cy'umwaka umwe gusa, naho 'Blessed' yo imaze kurebwa n'abasaga miliyoni eshatu mu gihe cy'amezi 10 imaze hanze.

Mu 2024, ni bwo Meddy yatangije gahunda y'ibitaramo byagiye bibera ahatandukanye harimo ibyabereye muri Leta zunze Ubumwe za Amerika, Canada no mu Busuwisi n'ahandi muri byo bitaramo kandi yanagaragarijemo indi mpano atari azwiho yo kubwiriza ari na yo yaje gukomereza kuri murandasi, nk'uko biherutse gutangazwa n'umuhanzi Kitoko Bibarwa ubwo yabajijwe uko yakiriye ihinduka rya Meddy.

Meddy amaze imyaka igera muri itatu ahisemo gukora umuziki w'indirimbo ziramya zikanahimbaza Imana aho kugeza ubu amaze gukora eshatu zikunzwe n'abatari bake.





# Rayon Sports yatsinze Musanze FC yiyunga n'abafana


Rayon Sports yatsinze Musanze FC ibitego 2-0

SHEMA Ivan

***Rayon Sports yatsinze Musanze FC ibitego 2-0 mu mukino w'Umunsi wa 10 wa Shampiyona, ihagarika urugendo rw'imikino itatu yari imaze idatsinda.***

Uyu mukino wabereye kuri Kigali Pele Stadium, ku mugoroba wo ku wa Gatanu, tariki ya 5 Ukuboza 2025.

Amakipe yombi yagiye gukina uyu mukino yaranganyije imikino aheruka gukina.

Rayon Sports ni yo yatangiye neza umukino bidatinze ku munota wa 5 yafunguye amazamu ku gitego cyatsinzwe na Tony Kitoga ku ishoti rikomeye yatereye hanze y'urubuga rw'amahina, umunyezamu ananirwa gukuraho umupira ujya mu rushundura.

Umukino wakomeje kwihuta no mu minota 20 ari na ko Musanze FC yari yatangiye kwibona mu mukino, byatumaga uryohera ijisho kuko amakipe yombi yasatiraga.

Aziz Bassane yazamukanye umupira mwiza ku ruhande rw'iburyo awuhindura imbere y'izamu, Habimana Yves atsinda igitego cya kabiri ku munota wa 34.

Mbere y'uko igice cya mbere kirangira umusifuzi wa kane yongeyeho iminota itatu y'inyongera.

Ku munota wa 45 +2' Serge Murangamirwa wa Musanze FC yeretswe ikarita itukura nyuma yo gutera inkokora Aziz Bassane Koulagna.

Igice cya mbere cyarangiye Rayon Sports yatsinze Musanze FC ibitego 2-0.

Rayon Sports yatangiranye igice cya kabiri imbaraga nyinshi, aho ku munota wa 48 Bassane yahushije uburyo bukomeye asigaranye n'umunyezamu Nsabimana Jean de Dieu.

Mu minota 70, umukino waratuje ugabanya umuvuduko wagenderagaho ari na ko uburyo bw'ibitego bwabaga buke.

Umukino warangiye Rayon Sports yatsinze Musanze FC ibitego 2-0, ihagarika urugendo rw'imikino itatu yari imaze idatsinda muri Shampiyona.

Rayon Sports yahise ifata umwanya wa kane n'amanota 17 ni mu gihe Musanze FC yagumye ku mwanya wa Gatandatu n'amanota 16.


Byari Ibyishimo ku bafana ba Rayon Sports nyuma yo kongera kubona intsinzi muri Shampiyona


Hamenyekanye amatsinda ku makipe azitabira igikombe cy'Isi cy'Umupira wAmaguru kizabera muri Canada, Mexique na Leta Zunze Ubumwe za Amerika

# Amakipe azakina Igikombe cy'Isi cya 2026 yamenye uko azahura

SHEMA Ivan

***Amakipe atandukanye azitabira igikombe cy'Isi cy'Umupira w'Amaguru kizabera muri Canada, Mexique na Leta Zunze Ubumwe za Amerika yamaze kumenya amatsinda aherereyemo mu mikino iteganyijwe kuva tariki ya 11 Kamena kugeza ku ya 19 Nyakanga 2026.***

Iyo Tombola igaragaza uko amakipe 48 agiye gukina bwa mbere iri rushanwa azahura mu matsinda 12 yabereye i Washington DC muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, ku mugoroba wo kuri uyu wa Gatanu, tariki ya 5 Ukuboza 2025.

Ni umuhango witabiriwe na Perezida Donald Trump, Perezida wa Mexico, Claudia Sheinbaum ndetse na Minisitiri w'Intebe wa Canada, Mark Carney.

Muri ibyo birori Perezida wa Leta zunze ubumwe za Amerika Donald Trump yahawe igihembo cyiswe FIFA Peace Prize cyatanzwe ku nshuro ya mbere kubera uruhare yagize mu kunga ibibugu bitandukanye byari bifitanye amakimbirane.

Umukino ufungura irushanwa uzahuza Mexico na Afurika y'Epfo ku wa 12 Kamena kuri Estadio Azteca.

Amakipe yombi yaherukaga guhura mu mukino ufungura mu 2010 icyo gihe banganyije igitego 1-1.

MetLife Stadium isanzwe ikinirwaho imikino y'amakipe yo muri Major League Soccer ya New York Giants na New York Jets izaberaho umukino wa nyuma w'Igikombe cy'Isi. Iheruka gukinirwaho iri rushanwa mu 1994 gusa nyuma yo kuvugururwa ubu yakira abagera ku bihumbi 82.

Leta Zunze ubumwe za Amerika ni yo izaberamo imikino myinshi harimo iya ¼ ndetse umujyi wa Dallas uberemo imikino igera ku icyenda.

### Uko amatsinda ateye

Nubwo iyi Tombola yabaye hari amakipe ane azamenyekana nyuma y'imikino ya Kamarampaka mpuzamigabane n'ibindi bizakomeza mu mikino kamarampaka y'i Burayi, iteganyijwe muri Werurwe 2026.


Perezida Donald Trump yahawe igihembo cya FIFA Peace Prize

Imvaho Nshya
Siporo

NO .E-42 TARIKI 2 - 8 UKUBOZA 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw



**Ikipe y'Igihugu yazamutse imyanya icyenda ku rutonde rwa FIBA rwo mu Ukuboza**

# Basketball: U Rwanda rwazamutseho imyanya icyenda ku rutonde rw'Isi

**SHEMA Ivan**

***Ikipe y'Igihugu ya Basketball y'abagabo yazamutseho imyanya icyenda ku rutonde rw'Ishyirahamwe rya Basketball ku Isi (FIBA), aho yabaye iya 81 ku Isi ivuye kuri 90, ikaba ari iya 13 muri Afurika.***

Nubwo bimeze bityo, iyi kipe iheruka kwitwara nabi mu mikino yo gushaka itike y'Igikombe cy'Isi cya 2027 yabereye muri Tunisia aho yasoje imikino ibanza nta mukino n'umwe itsinze muri itatu yakinnye.

Umukino wa mbere yatsinzwe na Guinée amanota 82-70, uwa kabiri itsindwa na Tunisia amanota 79-66, mu gihe uwa gatatu yatsinzwe na Nigeria amanota 75-69.

Ibihugu bitanu bya mbere ku Isi ni Leta Zunze Ubumwe za Amerika, u Budage, Serbia, u Bufaransa na Canada.

Ni mu gihe Afurika iyobowe na Sudani y'Epfo, Angola, Côte d'Ivoire, Misiri na Cape Verde.

# APR FC yanganyije na Police FC mu mukino uryoheye ijisho

**SHEMA Ivan**

***APR FC yanganyije na Police FC ubusa ku busa mu mukino w'Umunsi wa 10 wa Shampiyona wabereye kuri Kigali Pele Stadium, ku mugoroba wo kuri uyu wa Gatandatu, tariki ya 6 Ukuboza 2025.***

Ni umukino witabiriwe na Minisitiri w'Ingabo, Juvenal Marizamunda, Umugaba Mukuru w'Ingabo z'u Rwanda, Gen Mubarak Muganga, Umuyobozi mukuru wungirije wa Polisi y'u Rwanda ushinzwe abakozi n'imiyoborere (DIGP) Jeanne Chantal Ujeneza n'abayobozi b'amakipe yombi.

APR FC ni yo yatangiye neza umukino ihererekanya ndetse ikinira cyane mu rubuga rwa Police FC.

Ku munota wa 20, Byiringiro Lague n'umutoza Ben Mouasa bahawe amakarita y'umuhondo kubera kutishimira ibyemezo by'umusifuzi Vicky.

Ku munota wa 25, Police FC yongereye imbaraga itangira gusatira izamu rya APR FC harimo umupira wavuye muri koruneri, Ishimwe Pierre azamuka neza awukura ku mutwe wa Issah Yakubu akoresheje ibipfunsi.

Ku munota wa 31, Niyomugabo Claude wa APR yafunze umupira aranyerera, abonye ko bagiye kuwumutwara awuryamaho awufatisha amaboko, hasifurwa ikosa.



**Byiringiro Lague ni we watowe nk'umukinnyi mwiza**

Iri kosa ryahanwe na Byiringiro Lague, umupira ujya mu izamu ariko umusifuzi wo ku ruhande Ishimwe Didier agaragaza ko habayeho kurarira.

Igice cya mbere cyarangiye amakipe yombi anganyije ubusa ku busa.

Mu igice cya kabiri, umukino wagabanyije umuvuduko umupira ukinirwa cyane mu kibuga hagati nta kipe irema uburyo bw'igitego.

Ku munota wa 66, APR FC yabonye uburyo imbere ku mupira wahinduwe na Ruboneka Bosco mu rubuga rw'amahina, umupira usanga Ouattara awudunda n'umutwe mbere y'uko Onesime awurenza izamu, ariko umusifuzi wo ku ruhande agaragaza ko hari habayeho kurarira.

Ku munota wa 70, APR FC yakoze impinduka ebyiri William Togui na Hakim Kiwanuka basimburwa na Djibril Ouattara na Denis Omedi.

Ku munota wa 76, Police FC yahushije uburyo bwababazwe imbere y'izamu ku mupira Kwitonda Alain Bacca yinjiranye mu rubuga rw'amahina yasize Niyomugabo, ateye ishoti rifashe igiti cy'izamu, umupira ujya hanze.

Iminota 10 ya nyuma yihariwe na APR FC yasatiraga cyane ariko ubwugarizi bwa Police FC n'umunyezamu bahagarara neza.

Umukino warangiye amakipe yombi anganyije ubusa ku busa.

Police FC yakomeje kuyobora Shampiyona n'amanota 23, mu mikino 11 naho APR FC yafashe umwanya wa kabiri n'amanota 19 ariko yo imaze gukina imikino 10.